Itegeko nº 14/2008 ryo ku wa 04/6/2008 rigena iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku Banyarwanda ryongewemo ingingo ya 13 iteye ku buryo bukurikira :

**« Ingingo ya 13: Gukora imenyesha ridahuje n'ukuri**

Umuntu wese ubeshya ushinzwe iyandikwa ry'abaturage mu byo agomba kumenyesha, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni byo bihabwa umuntu utuma undi kumenyesha ibidahuje n'ukuri ushinzwe

commits a fault punishable by an administrative fine of ten thousand Rwandan francs (FRW 10,000)."

**Article 6: False declaration**

In Law nº14/2008 of 04/6/2008 governing registration of the population and issuance of the national identity card, Article 13 is inserted to read as follows:

**"Article 13: False declaration**

Any person who makes false declarations to the officer in charge of civil registration regarding registration data commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

The penalties referred to under Paragraph One of this Article are applied to a person who gives mandate to another to make false

d'identité ;

commet une faute passible d'une amende administrative de dix mille francs rwandais (10.000 FRW). »

**Article 6 : Fausse déclaration**

Dans la Loi nº14/2008 du 04/6/2008 relative à l'enregistrement de la population et à la délivrance de la carte d'identité, il est inséré l'article 13 libellé comme suit :

**« Article 13: Fausse déclaration**

Toute personne qui fait de fausses déclarations à l'agent chargé de l'enregistrement de la population par rapport aux données relatives à l'enregistrement commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais ne dépassant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Les peines mentionnées à l'alinéa premier du présent article s'appliquent à la personne qui donne le mandat à une autre personne pour

iyandikwa ry'abaturage mu gihe ubwo butumwa bwakurikijwe. »

**<u>Ingingo ya 7</u>: Guhimba, kwigana cyangwa guhindura ikarita ndangamuntu**

Itegeko nº 14/2008 ryo ku wa 04/6/2008 rigena iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku Banyarwanda ryongewemo ingingo ya 14 iteye ku buryo bukurikira :

**« <u>Ingingo ya 14</u>: Guhimba, kwigana cyangwa guhindura ikarita ndangamuntu**

Umuntu wese uhimba, wigana cyangwa uhindura mu buryo ubwo ari bwo bwose ikarita ndangamuntu cyangwa ikindi kintu cyanditseho, ashyiraho umukono cyangwa igikumwe bitari byo, yonona ikarita ndangamuntu cyangwa imikono cyangwa imyirondoro iri ku ikarita ndangamuntu ku buryo ubwo aribwo bwose aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

declarations to the officer in charge of population registration if the mandate is executed."

**<u>Article 7:</u> Forgery, counterfeiting or falsification of the identity card**

In Law nº14/2008 of 04/6/2008 governing registration of the population and issuance of the national identity card, Article 14 is inserted to read as follows:

**"<u>Article 14</u>: Forgery, counterfeiting or falsification of the identity card**

Any person who forges, counterfeits or falsifies the identity card or its content in any way whatsoever, by appending a false signature or fingerprint, alters the identity card, signatures or personal identification details on the identity card in any way whatsoever, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

faire de fausses déclarations à l'agent chargé de l'enregistrement de la population si ce mandat a été exécuté.»

**<u>Article 7 :</u> Fausse carte d'identité, contrefaçon ou falsification de carte d'identité**

Dans la Loi nº14/2008 du 04/6/2008 relative à l'enregistrement de la population et à la délivrance de la carte d'identité, il est inséré l'article 14 libellé comme suit :

**«<u>Article 14 :</u> Fausse carte d'identité, contrefaçon ou falsification de carte d'identité**

Toute personne qui fait, contrefait une fausse carte d'identité, ou la falsifie de quelque manière que ce soit en apposant une fausse signature ou empreinte digitale, altère de quelque manière que ce soit la carte d'identité, les signatures ou les informations d'identification personnelle sur la carte d'identité commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais ne dépassant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu wese uzi ko ikarita ndangamuntu ari impimbano, akayikoresha ku buryo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Iyo guhimba, kwigana cyangwa guhindura mu buryo ubwo aribwo bwose ikarita ndangamuntu cyangwa ikindi kintu cyanditseho byakozwe n'umukozi wa Leta mu murimo ashinzwe cyangwa n'undi ushinzwe umurimo w'igihugu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW). »

**<u>Ingingo ya 8</u>: Guha, gutiza cyangwa kwakira ikarita ndangamuntu utabifitiye uburenganzira**

Itegeko nº 14/2008 ryo ku wa 04/6/2008 rigena iyandikwa ry'abaturage n'itangwa ry'ikarita ndangamuntu ku Banyarwanda ryongewemo ingingo ya 15 iteye ku buryo bukurikira :

**« <u>Ingingo ya 15</u>*:* Guha, gutiza cyangwa kwakira ikarita ndangamuntu utabifitiye uburenganzira**

Umuntu wese utiza undi ikarita ndangamuntu

Any person who uses the identity card in any way whatsoever with knowledge of its being a counterfeit, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to penalties referred to under Paragraph One of this Article.

Where forgery, counterfeiting or falsification of the identity card or its content, in any way whatsoever is committed by a public servant in discharging his/her duties or by any other person in charge of public service, the penalty is imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000)."

**<u>Article 8:</u> Delivering, lending or receiving the identity card without entitlement**

In Law nº14/2008 of 04/6/2008 governing registration of the population and issuance of the national identity card, Article 15 is inserted to read as follows:

**"<u>Article 15:</u> Delivering, lending or receiving the identity card without entitlement**

Any person who lends his/her identity card for

Toute personne qui utilise la carte d'identité de quelque manière que ce soit en sachant qu'elle est fausse, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible des peines prévues à l'alinéa premier du présent article.

Lorsque l'infraction de fausse carte d'identité, contrefaçon ou falsification de carte d'identité ou de son contenu est commise par un agent de l'État en exercice de ses fonctions ou par une personne chargée d'un service public, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais ne dépassant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais ne dépassant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW). »

**<u>Article 8 :</u> Délivrer, prêter ou recevoir une carte d'identité sans autorisation**

Dans la Loi nº14/2008 du 04/6/2008 relative à l'enregistrement de la population et à la délivrance de la carte d'identité, il est inséré l'article 15 libellé comme suit :

**«<u>Article 15 :</u> Délivrer, prêter ou recevoir une carte d'identité sans autorisation**

Toute personne qui prête sa carte d'identité à

ye kugira ngo ayikoreshe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uha ikarita ndangamuntu umuntu utabifitiye uburenganzira aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese wakira ikarita ndangamuntu azi neza ko atabifitiye uburenganzira, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000. 000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano. »

the purpose of unlawful use commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Any person who delivers the identity card to an unentitled person commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Any person, who receives the identity card knowing that he/she is ineligible, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties."

des fins d'utilisation illicite, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais ne dépassant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui délivre une carte d'identité à une personne qui n'y a pas droit commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais ne dépassant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui reçoit une carte d'identité tout en sachant qu'elle n'y a pas doit, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais ne dépassant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais ne dépassant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement. »

**Ingingo ya 9: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 11: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **13/08/2018**

**Article 9: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 10: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 11: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **13/08/2018**

**Article 9: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 10: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures et contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 11: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°45/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N°01/2011 RYO KU WA 10/02/2011 RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KUGEZA UBU**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 2: Ibicuruzwa n'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane**

**Ingingo ya 3: Abamenye amabanga mbere y'abandi**

**Ingingo ya 4: Ikigega cy'ihwanyabwishyu**

**Ingingo ya 5: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi, ibyaha n'ibihano**

**Ingingo ya 6: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi**

**Ingingo ya 7: Kutubahiriza amabwiriza yatanzwe n'Ikigo**

**Ingingo ya 8: Gukoresha umukozi wahagaritswe n'Ikigo**

**Ingingo ya 9: Ibyaha n'ibihano**

**LAW N°45/2018 OF 13/08/2018 MODIFYING LAW N°01/2011 OF 10/02/2011 REGULATING CAPITAL MARKET IN RWANDA AS MODIFIED TO DATE**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Scope of this Law**

**Article 2: Capital market business and instruments**

**Article 3: Insiders**

**Article 4: Compensation scheme**

**Article 5: Administrative faults, offences and penalties**

**Article 6: Administrative faults**

**Article 7: Non-compliance with regulations issued by the Authority**

**Article 8: Employing an employee suspended by the Authority**

**Article 9: Offences and penalties**

**LOI Nº45/2018 DU 13/08/2018 MODIFIANT LA LOI N°01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT REGULATION DU MARCHE DES CAPITAUX AU RWANDA TELLE QUE MODIFIEE A CE JOUR**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Champ d'application de la présente loi**

**Article 2: Activités et instruments du marché des capitaux**

**Article 3: Initiés**

**Article 4: Fonds de compensation**

**Article 5: Fautes administratives, infractions et peines**

**Article 6: Fautes administratives**

**Article 7: Non-respect des règlements émis par l'Autorité**

**Article 8: Emploi d'un agent suspendu par l'Autorité**

**Article 9: Infractions et peines**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Gukora imirimo y'isoko ry'imari n'imigabane utabifitiye uburenganzira** | **Article 10: Conducting capital market business without authorization** | **Article 10: Exercer des activités sur le marché des capitaux sans autorisation** |
| **Ingingo ya 11: Imikorere n'amakuru biyobya** | **Article 11: Misleading practices and statements** | **Article 11: Pratiques et déclarations fallacieuses** |
| **Ingingo ya 12: Kubangamira igenzura** | **Article 12: Obstructing of inspection** | **Article 12: Entrave à l'inspection** |
| **Ingingo ya 13: Gucuruza wamenye amakuru y'ibanga mbere yo gutangazwa** | **Article 13: Insider dealing** | **Article 13: Délit d'initié** |
| **Ingingo ya 14: Guha umugenzuzi w'imari amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya** | **Article 14: Providing the auditor with false or misleading information** | **Article 14: Fournir une information fausse ou fallacieuse à l'auditeur** |
| **Ingingo ya 15: Gutanga amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya hagamijwe guhabwa icyemezo cyangwa kwemererwa gukora** | **Article 15: Providing false or misleading statements for the purpose of being licensed or approved** | **Article 15: Déclarations fausses ou déclarations fallacieuses aux fins d'être agréés ou autorisées** |
| **Ingingo ya 16: Gutanga amakuru atagenewe abantu bose** | **Article 16: Disclosure of restricted information** | **Article 16: Diffusion d'information confidentielle** |
| **Ingingo ya 17: Kutubahiriza ibisabwa n'iperereza** | **Article 17: Non-compliance of requirements of investigations** | **Article 17: Refus de se conformer aux exigences de l'enquête** |
| **Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 19: Repealing provision** | **Article 19: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 20: Commencement** | **Article 20: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°45/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N°01/2011 RYO KU WA 10/02/2011 RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KUGEZA UBU**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 29 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**LAW N°45/2018 OF 13/08/2018 MODIFYING LAW N°01/2011 OF 10/02/2011 REGULATING CAPITAL MARKET IN RWANDA AS MODIFIED TO DATE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 29 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Having reviewed Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date;

**ADOPTS:**

**LOI Nº45/2018 DU 13/08/2018 MODIFIANT LA LOI N°01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT REGULATION DU MARCHE DES CAPITAUX AU RWANDA TELLE QUE MODIFIEE A CE JOUR**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Revu la Loi n° 01/2011 of 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour;

**ADOPTE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Ibirebwa n'iri tegeko**

Ingingo ya 3 y'Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ihinduwe ku buryo bukurikira:

"Iri tegeko rigenga ibikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda bikorwa n'abantu bakurikira:

1º abahuza mu by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane;

2º abagura n'abagurisha ku giti cyabo ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane bemewe;

3º abunganira amasosiyete mu kubafasha kuzuza ibyangombwa bituma bashobora kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane;

4º abajyanama mu byerekeye ishoramari;

5º amabanki y'ishoramari;

6º abanyamwuga mu ishoramari;

7º ababitsi b'umutungo;

8º isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;

9º ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana;

**<u>Article One</u>: Scope of this Law**

Article 3 of Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is modified as follows:

"This Law regulates capital market business activities in Rwanda as conducted by the following persons:

1º brokers;

2º dealers;

3º sponsors;

4º investment advisers;

5º investment banks;

6º investment managers;

7º custodians;

8º securities exchange;

9º clearing house;

**<u>Article premier</u>: Champ d'application de la présente loi**

L'article 3 de la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour est modifié comme suit:

"La présente loi régit les activités de commerce sur le marché des capitaux au Rwanda menées par les personnes suivantes:

1º les courtiers;

2º les concessionnaires;

3º les sponsors;

4º les conseillers en placements;

5º les banques d'investissement;

6º les gestionnaires de placements;

7º les gardiens;

8º la bourse des titres;

9º la chambre de compensation;

10º isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo;

11º abanditsi;

12º undi muntu wese ukora ubucuruzi bw'isoko ry'imari n'imigabane.

**Ingingo ya 2: Ibicuruzwa n'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane**

Ingingo ya 4 y'Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ihinduwe ku buryo bukurikira:

"Muri iri tegeko, ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane ni imitungo iyo ari yo yose n'inyungu bikomoka mu bivugwa mu mugereka wa I w'iri tegeko.

Muri iri tegeko kandi, ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane ni ibikorwa byose bigaragara ku mugereka wa II w'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri rigena ibindi bikorwa by'ubucuruzi by'inyongera bidateganyijwe muri iri tegeko."

**Ingingo ya 3: Abamenye amabanga mbere y'abandi**

Ingingo ya 41 y'Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe

10º credit rating agency;

11º registrars;

12º any other person conducting capital market business.

**Article 2: Capital market business and instruments**

Article 4 of Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is modified as follows:

"In this Law, Capital market business and instruments refer to any property and proceeds resulting from the provisions of Annex I of this Law.

Also in this Law, Capital market business refers to all activities provided for in Annex II of this Law.

An Order of the Minister specifies additional Capital market business activities that are not provided for by this Law."

**Article 3: Insiders**

Article 41 of Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is modified as follows:

10º agence de notation de crédit;

11º les registraires;

12º toute autre personne effectuant des opérations sur le marché des capitaux.

**Article 2: Activités et instruments du marché des capitaux**

L'article 4 de la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour est modifié comme suit:

«Dans la présente loi, les activités et instruments du marché des capitaux désignent tout patrimoine ou produit émanant de ce qui est prévu à l'annexe I de la présente loi.

Egalement dans la présente loi, les activités du marché des capitaux désignent toutes les activités prévues par l'annexe II de la présente loi.

Un Arrêté du Ministre détermine les activités supplémentaires sur le marché des capitaux qui ne sont pas prévues par la présente loi.»

**Article 3: Initiés**

L'article 41 de la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce

kugeza ubu ihinduwe ku buryo bukurikira:

“**Ingingo ya 41: Uwamenye amakuru y’ibanga mbere yo gutangazwa**

Umuntu aba afite amakuru y’ibanga iyo:

1º azi neza ko amakuru y’ibanga afite ashobora kugira ingaruka ku giciro ku isoko ry’imari n’imigabane mbere yo gutangazwa;

2º afite ayo makuru kandi azi ko yaturutse ku muntu wayamenye mbere yo gutangazwa.

Umuntu aba afite kandi amakuru y’ibanga iyo:

1 º ayamenye kubera ko ari umwe mu bagize Inama y’ubuyobozi, umukozi cyangwa ufite imigabane muri sosiyete ishaka kugurisha imigabane ku isoko ry’imari n’imigabane;

2 º ayamenye biturutse ku kazi akora, umwanya afite mu kazi cyangwa umwuga we;

3 º ayamenye ku buryo buziguye cyangwa butaziguye biturutse kuri umwe mu bantu bavugwa mu gace ka 1° n’aka 2° tw’iki gika.”

“**Article 41: Insider**

A person is deemed to have insider information if he or she:

1º he or she is well aware that such an insider information can have impact on the capital market price;

2º has the insider information and is sure he or she got it from an inside source.

A person also has insider information if:

1 º the person knows the insider information through being a Board Member, employee or shareholder of an issuer of capital market instruments;

2 º the person has access to the inside information by virtue of his or her employment, office or profession;

3 º the person gets directly or indirectly this information from one of the persons referred to under points 1° and 2° of this Paragraph.”

jour est modifié comme suit:

« **Article 41: Initié**

Une personne est réputée détenir une information privilégiée si elle:

1º sait bien que l’information privilégiée qu’elle détient peut influencer le prix sur le marché des capitaux;

2º détient cette information privilégiée dont elle connait que la source est certaine.

Une personne détient aussi une information privilégiée si:

1º elle obtient cette information privilégiée en sa qualité d’un des membres du Conseil d’administration, d’employé ou d’actionnaire d’un émetteur d’instruments du marché des capitaux;

2º elle a accès à cette information en raison de son emploi, ses fonctions ou sa profession;

3º elle obtient cette information de façon directe ou indirecte des personnes visées aux points 1° et 2° du présent alinéa.

**Ingingo ya 4: Ikigega cy'ihwanywa bwishyu**

Ingingo ya 55 y'Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ihinduwe ku buryo bukurikira:

"Ikigo gikoresheje amabwiriza, gishyiraho ikigega gishinzwe kwishyura abantu batewe igihombo cy'amafaranga n'inyereza cyangwa uburiganya bukozwe n'abafite ibyemezo cyangwa abemerewe gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane."

**Ingingo ya 5: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi, ibyaha n'ibihano**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo umutwe wa XIV uteye ku buryo bukurikira:

**"UMUTWE WA XIV: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI, IBYAHA N'IBIHANO"**.

**Ingingo ya 6: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi**

Itegeko n°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo icyiciro cya mbere giteye ku buryo bukurikira:

**Article 4: Compensation scheme**

Article 55 of Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is modified as follows:

"The Authority, by regulations, establishes a compensation scheme to compensate persons who suffer pecuniary loss from any defalcation or fraud committed by any licensed persons or employees of a stock exchange."

**Article 5: Administrative faults, offences and penalties**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Chapter XIV worded as follows:

"**CHAPTER XIV: ADMINISTRATIVE FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES"**.

**Article 6: Administrative faults**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Section One worded as follows:

**Article 4: Fonds de compensation**

L'article 55 de la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour est modifié comme suit:

"L'Autorité, par règlement, met en place un fonds de compensation pour indemniser les personnes qui subissent une perte pécuniaire provenant de tout détournement ou fraude commis par des personnes autorisées ou des employés d'une bourse."

**Article 5: Fautes administratives, infractions et peines**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré le Chapitre XIV libellé comme suit:

«**CHAPITRE XIV: FAUTES ADMINISTRATIVES, INFRACTIONS ET PEINES »**.

**Article 6: Fautes administratives**

Dans la Loi n°01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré la section première libellée comme suit:

**"Icyiciro cya mbere: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi ".**

**Ingingo ya 7: Kutubahiriza amabwiriza yatanzwe n'Ikigo**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 64 iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 64: Kutubahiriza amabwiriza yatanzwe n'Ikigo**

Umuntu wese utubuhariza amabwiriza yatanzwe n'Ikigo, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW)."

**Ingingo ya 8: Gukoresha umukozi wahagaritswe n'Ikigo**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 65 iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 65: Gukoresha umukozi wahagaritswe n'Ikigo**

Umuntu wese ukoresha umukozi wahagaritswe n'Ikigo, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'amafaranga

**"Section One: Administrative faults".**

**Article 7: Non-compliance with regulations issued by the Authority**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 64 worded as follows:

**"Article 64: Non-compliance with regulations issued by the Authority**

Any person who does not comply with the regulations issued by the Authority is liable to an administrative fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan Francs (FRW 5,000,000).

**Article 8: Employing an employee suspended by the Authority**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 65 worded as follows:

**"Article 65: Employing an employee suspended by the Authority**

Any person who employs an employee suspended by the Authority is liable to a fine of not less than three million Rwandan francs

**«Section première: Fautes administratives».**

**Article 7: Non-respect des règlements émis par l'Autorité**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 64 libellé comme suit:

**« Article 64: Non-respect des règlements émis par l'Autorité**

Toute personne qui ne respecte pas les règlements émis par l'Autorité est passible d'une amende administrative d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

**Article 8: Employer un agent suspendu par l'Autorité**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 65 libellé comme suit:

**«Article 65: Employer un agent suspendu par l'Autorité**

Toute personne qui emploie un agent suspendu par l'Autorité est passible d'une amende d'au moins trois millions de francs

y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW)."

**<u>Ingingo ya 9</u>: Ibyaha n'ibihano**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo icyiciro cya 2 giteye ku buryo bukurikira:

**" <u>Icyiciro cya 2</u>: Ibyaha n'ibihano"**.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Gukora imirimo y'isoko ry'imari n'imigabane utabifitiye uburenganzira**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 66 iteye ku buryo bukurikira:

**"<u>Ingingo ya 66</u>: Gukora imirimo y'isoko ry'imari n'imigabane utabifitiye uburenganzira**

Umuntu wese ukora cyangwa witwara nk'ukora imirimo yerekeye isoko ry'imari n'imigabane adafite icyemezo kibimwemerera aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya

(FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000)."

**<u>Article 9:</u> Offences and penalties**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Section 2 worded as follows:

**"<u>Section 2</u>: Offences and penalties"**.

**<u>Article 10</u>: Conducting capital market business without authorization**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 66 worded as follows:

**"<u>Article 66</u>: Conducting capital market business without authorization**

Any person who carries out or purports to carry out capital market business without a licence for this purpose commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than thirty million Rwandan

rwandais (3.000.000) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). »

**<u>Article 9:</u> Infractions et peines**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré la section 2 libellée comme suit:

**« <u>Section 2</u>: Infractions et peines »**.

**<u>Article 10:</u> Exercer des activités sur le marché des capitaux sans autorisation**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 66 libellé comme suit:

**«<u>Article 66</u>: Exercer des activités sur le marché des capitaux sans autorisation**

Toute personne qui opère ou se présente comme opérateur sur le marché des capitaux sans une licence à cette fin commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trente millions de

miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano."

**Ingingo ya 11: Imikorere n'amakuru biyobya**

Itegeko n°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 67 iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 67: Imikorere n'amakuru biyobya**

Umuntu wese:

1º utanga amakuru, wizeza cyangwa ubeshya abantu ko azi ibizaba kandi azi ko ari ibinyoma, ayobya, ashukana cyangwa ariganya bigatuma umuntu akora cyangwa adakora amasezerano ajyanye n'ishoramari cyangwa ntakoreshe uburenganzira bujyanye n'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;

2º ukora, abizi neza, ikintu icyo ari cyo cyose gituma habaho kwibeshya cyangwa kuyoba ku biciro by'ibicuruzwa biri ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa agashishikariza abandi kugura cyangwa kugurisha cyangwa kwishingira kimwe mu bikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari

franc (FRW 30,000,000) and not more than fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000) or only one of these penalties."

**Article 11: Misleading practices and statements**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 67 worded as follows:

**"Article 67: Misleading practices and statements**

Any person who:

1 º makes a statement, promise or forecast which he or she knows to be false, misleading or deceptive inducing another person to enter into, or to refrain from entering into an investment agreement or from exercising any rights conferred by a capital market instrument;

2 º knowingly commits any act which creates a false or misleading impression as to the price of a capital market instruments or induces other persons to acquire, dispose of or underwrite capital market instruments,

francs rwandais (30.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.»

**Article 11: Pratiques et déclarations fallacieuses**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 67 libellé comme suit:

**« Article 67: Pratiques et déclarations fallacieuses**

Toute personne qui:

1 º fait une déclaration, une promesse ou une prédiction tout en sachant qu'elle est fausse, fallacieuse ou dolosive induisant ainsi une autre personne à conclure ou à s'abstenir de conclure un accord d'investissement ou à s'abstenir d'exercer des droits conférés par un instrument du marché des capitaux;

2 º pose sciemment un acte qui crée une impression fausse ou trompeuse sur le cours des instruments du marché des capitaux ou induit d'autres personnes à acquérir, à céder ou à se porter garant d'un des instruments du marché des capitaux,

n'imigabane,

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni mirongo itanu (50.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano."

**<u>Ingingo ya 12</u>: Kubangamira igenzura**

Itegeko n°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 68 iteye ku buryo bukurikira:

**"<u>Ingingo ya 68</u>: Kubangamira igenzura**

Umuntu wese ubangamira igenzura ku bushake yanga kubahiriza amabwiriza ajyanye n'itangwa ry'inyandiko asabwa aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano."

commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than thirty million Rwandan francs (FRW 30,000,000) and not more than fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000) or only one of these penalties.

**<u>Article 12:</u> Obstructing of inspection**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 68 worded as follows:

**"<u>Article 68</u>: Obstructing of inspection**

Any person, who intentionally interferes with inspection by failing to comply with the requirement to provide required documents commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year but not more than two (2) years and a fine of not less than fifteen million Rwandan Francs (FRW 15,000,000) but not more than twenty million Rwandan Francs (FRW 20,000,000) or one of these penalties."

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

**<u>Article 12:</u> Entraver l'inspection**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 68 libellé comme suit:

**«<u>Article 68</u>: Entraver l'inspection**

Toute personne qui sciemment entrave l'inspection en refusant de fournir les documents requis commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins quinze millions de francs rwandais (15.000.000 FRW) mais n'excédant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement. ».

**Ingingo ya 13: Gucuruza wamenye amakuru y'ibanga mbere yo gutangazwa**

Itegeko n°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 69 iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya 69: Gucuruza wamenye amakuru y'ibanga mbere yo gutangazwa**

Umuntu wese ufite amakuru y'ibanga mbere yo gutangazwa akayakoresha mu kwica isoko, agura cyangwa agurisha ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni mirongo inani (80.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ijana (100.000.000 FRW)."

**Ingingo ya 14: Guha umugenzuzi w'imari amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 70 iteye ku buryo bukurikira:

**Article 13: Insider dealing**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 69 worded as follows:

**"Article 69: Insider dealing**

Any person who has an insider information and uses it in committing market abuse or in dealing in capital market instruments, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but not more than five (5) years and a fine of not less than eighty million Rwandan francs (FRW 80,000,000) but not more than one hundred million Rwandan francs (FRW 100,000,000)."

**Article 14: Providing the auditor with false or misleading information**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 70 worded as follows:

**Article 13: Délit d'initié**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 69 libellé comme suit:

**« Article 69: Délit d'initié**

Toute personne qui dispose d'une information privilégiée et qui s'en sert en commettant un abus de marché ou qui s'en sert dans les transactions sur le marché des capitaux, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins quatre-vingt millions de francs rwandais (80.000.000 FRW) mais n'excédant pas cent millions de francs rwandais (100.000.000 FRW). ».

**Article 14: Fournir à l'auditeur une information fausse ou fallacieuse**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 70 libellé comme suit:

**“Ingingo ya 70: Guha umugenzuzi w’imari amakuru y’ibinyoma cyangwa ayobya**

Umuntu wese ufite icyemezo cyangwa wemerewe, umukozi cyangwa umuyobozi w’Ikigo gifite icyemezo cyangwa cyemerewe, uha umugenzuzi w’imari amakuru y’ibinyoma cyangwa ayobya, yaba abizi cyangwa ku bw’uburangare, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.”

**“Article 70: Providing the auditor with false or misleading information**

Any licensed or approved person, any officer or manager of a licensed or approved body, who knowingly or recklessly furnishes the auditor with false or misleading information, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year but not more than two (2) years with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not more than five million Rwandan francs (FRW 5.000.000) or one of these penalties.”

**«Article 70: Fournir à l’auditeur une information fausse ou fallacieuse**

Toute personne agréée ou autorisée, tout employé ou gestionnaire d’un organe agréé ou autorisé, qui, sciemment ou par imprudence, fournit à l’auditeur une information fausse ou fallacieuse commet une infraction.

Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins un (1) an mais n’excédant pas deux (2) ans et d’une amende d’au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n’excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines seulement. »

**Ingingo ya 15: Gutanga amakuru y’ibinyoma cyangwa ayobya hagamijwe guhabwa icyemezo cyangwa kwemererwa gukora**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda nk’uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 71 iteye ku buryo bukurikira:

**“Ingingo ya 71: Gutanga amakuru y’ibinyoma cyangwa ayobya hagamijwe guhabwa icyemezo cyangwa kwemererwa gukora**

Umuntu wese:

**Article 15: Providing false or misleading statements for the purpose of being licensed or approved**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 71 worded as follows:

**“Article 71: Providing false or misleading statements for the purpose of being licensed or approved**

Any person who:

**Article 15: Déclarations fausses ou déclarations fallacieuses aux fins d’être agréé ou autorisé**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l’article 71 libellé comme suit:

**«Article 71: Déclarations fausses ou déclarations fallacieuses aux fins d’être agréé ou autorisé**

Toute personne qui:

1º utanze amakuru azi neza ko ari amakuru y'ibinyoma cyangwa ayobya mu gusaba icyemezo, kwemererwa gukora cyangwa kuzuza bimwe mu bisabwa n'iri tegeko;

2º uzi ko adafite icyemezo, atemerewe cyangwa atasonewe, akiyitirira cyangwa akitwara nk'umuntu ufite icyo cyemezo;

3º wiyitiriye imirimo cyangwa witwara nk'ufite uburenganzira bwo gukorera ku isoko ry'imari n'imigabane, isosiyete iberamo isuzuma n'iyishyurana, cyangwa isosiyete igena ibipimo by'ubushobozi bw'amasosiyete mu kwishyura imyenda yayo,

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano."

**<u>Ingingo ya 16</u>: Gutanga amakuru atagenewe abantu bose**

Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 72 iteye ku buryo bukurikira:

1º knowingly provides false or misleading information for the purposes of being licenced or approved or complying with some of the requirements imposed by this Law;

2º knows that he or she is not licenced, approved or exempted and purports to be licenced;

3º appropriates or purports to have the status of an approved securities exchange, clearing house or credit rating agency,

commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year but not more than two (2) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) but not more than ten million Rwandan Francs (FRW 10,000,000) or one of these penalties."

**<u>Article 16:</u> Disclosure of restricted information**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 72 worded as follows:

1º pour être agréée ou autorisée ou se conformer à certaines conditions imposées par la présente loi, fournit sciemment une information fausse ou fallacieuse;

2º n'étant pas agréée, autorisée ou exemptée, prétend avoir cette qualité ou se comporte comme tel;

3º prétend avoir ou se comporte comme ayant le statut d'une bourse des titres autorisée, d'une chambre de compensation autorisée ou d'une agence de notation de crédit autorisée,

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins une année (1) mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement. »

**<u>Article 16:</u> Diffusion d'information confidentielle**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour, il est inséré l'article 72 libellé comme suit:

**“Ingingo ya 72: Gutanga amakuru atagenewe abantu bose**

Umuntu wese utanga amakuru atagenewe abantu bose yerekeye ubucuruzi cyangwa ibindi bikorwa by’umuntu hadatanzwe uburenganzira bwa nyir’ubwite aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n’ihazabu y’amafaranga y’u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.”

**“Article 72: Disclosure of restricted information**

Any person who discloses restricted information in respect of business or any other activities without any prior authorization of the operator of that business commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year but not more than two (2) years with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) but not exceeding five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of these penalties.”

**«Article 72: Diffusion d’information confidentielle**

Toute personne qui dévoile une information confidentielle en rapport avec le commerce ou toutes autres activités sans autorisation préalable du propriétaire commet une infraction.

Lorsqu’elle en est reconnue coupable par une juridiction, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins un (1) an mais n’excédant pas deux (2) ans et d’une amende d’au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n’excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l’une de ces peines seulement. »

**Ingingo ya 17: Kutubahiriza ibisabwa n’iperereza**

Itegeko n°01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry’imari n’imigabane mu Rwanda nk’uko ryahinduwe kugeza ubu ryongewemo ingingo ya 72 bis iteye ku buryo bukurikira:

**Article 17: Non-compliance of requirements of investigations**

In Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date is inserted Article 72 bis worded as follows:

**Article 17: Refus de se conformer aux exigences de l’enquête**

Dans la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée á ce jour, il est inséré l’article 72 bis libellé comme suit:

**“Ingingo ya 72 bis: Kutubahiriza ibisabwa n’iperereza**

Umuntu wese utubahiriza ibyo asabwa n’abakora iperereza nta mpamvu igaragara aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n’ihazabu

**Article 72 bis: Non-compliance with requirements of investigations**

Any person who, with no good reason refuses to comply with requirements of investigators commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year but not more than two (2) years with

**Article 72 bis: Refus de se conformer aux exigences de l’enquête**

Toute personne qui refuse de se conformer aux exigences des enquêteurs sans motif valable commet une infraction.

Lorsqu’elle en est reconnue coupable par une juridiction, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins un (1) an mais

y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Umuntu wahamwe n'icyo cyaha ashobora kandi gutegekwa kwishyura amafaranga yose yakoreshejwe muri iryo perereza."

**Ingingo ya 18: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 19: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 20: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **13/08/2018**

a fine of not less than three million Rwandan francs (3,000,000 FRW) but not more than five million Rwandan francs ( FRW 5,000,000) or one of these penalties.

A person convicted of that offence may be liable to payment of all charges incurred during the investigation."

**Article 18: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 19: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 20: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **13/08/2018**

n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

La personne reconnue coupable de cette infraction peut être tenue au paiement de tous les frais encourus pendant l'enquête. »

**Article 18: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 19: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 20: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA I W'ITEGEKO N° 45/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N° 01/2011 RYO KU WA 10/02/2011 RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KUGEZA UBU**

**IBICURUZWA KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE**

**I. Imigabane mu mari shingiro y'amasosiyete ahamagarira rubanda kuguramo imigabane**

Imigabane ivugwa ni imigabane mu masosiyete agamije ubucuruzi cyangwa amashyirahamwe ahamagarira rubanda kugura imigabane byashinzwe hakurikijwe amategeko yo mu Rwanda cyangwa yo mu mahanga ariko hatarimo ibigega bigamije ishoramari.

**II. Ibicuruzwa bifatirwaho cyangwa bigaragaza imyenda**

Ibicuruzwa bikurikira bigaragaza imyenda:

Inyandiko z'imigabane nguzanyo zitazigamiwe, ibyemezo by'imyenda itazigamiwe, ibyemezo by'imyenda izigamiwe, ibyemezo by'ibikwa ry'amafaranga n'ibindi bicuruzwa bifatirwaho cyangwa bigaragaza imyenda iriho cyangwa izaza.

**ANNEX I TO LAW N°45/2018 OF 13/08/2018 MODIFYING LAW N° 01/2011 OF 10/02/2011 REGULATING CAPITAL MARKET IN RWANDA AS MODIFIED TO DATE**

**CAPITAL MARKET INSTRUMENTS**

**I. Shares in the share capital of public companies**

Shares referred to are those in public companies or any other person incorporated under Rwandan or foreign Laws with the exception of investment schemes.

**II. Instruments creating or acknowledging indebtedness**

The following instruments acknowledge indebtedness:

Unsecured debentures, debenture stock, loan stocks, certificates of deposit and other instruments creating or acknowledging a present or future indebtedness.

**ANNEXE I A LA LOI Nº45/2018 DU 13/08/2018 MODIFIANT LA LOI N° 01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT REGULATION DU MARCHE DES CAPITAUX AU RWANDA TELLE QUE MODIFIÉE À CE JOUR**

**INSTRUMENTS DU MARCHE DES CAPITAUX**

**I. Actions dans le capital social des sociétés publiques**

Les actions ci-mentionnées sont celles des sociétés publiques ou toute autre personne constituée selon la législation rwandaise ou étrangère à l'exception des fonds d'investissement.

**II. Instruments créant ou reconnaissant l'endettement**

Les instruments suivants reconnaissent l'endettement:

Obligations non garanties, titres obligataires non garantis, titres obligataires garantis, certificats de dépôt et autres instruments créant ou reconnaissant une dette actuelle ou future.

**III. Ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane bya Leta**

Leta ishobora gucuruza ku isoko ry'imari n'imigabane: ibyemezo by'imyenda bizigamiwe n'ibindi bicuruzwa bigaragaza imyenda bitanzwe na Leta cyangwa abayihagarariye, inzego z'ibanze cyangwa ibigo bya Leta.

Muri iki gika:

**(a)** « **Leta** » bivuga Leta y'u Rwanda cyangwa ikindi gihugu;

**(b)** « **inzego z'ibanze** » bivuga inzego z'ibanze zo mu Rwanda zifite ubuzimagatozi;

**(c)** « **ikigo cya Leta** » bivuga ikigo cya Leta, ibigo byigenga bya Leta, amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta byashyizweho n'amategeko y'u Rwanda cyangwa y'ikindi gihugu.

**IV. Impapuro zifatwa nk'imigabane cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane**

Impapuro zifatwa nk'imigabane cyangwa ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane ni impapuro zitanga uburenganzira ku migabane n'izindi mpapuro zihesha uburenganzira uzifite bwo kuzigurisha ku isoko ry'imari n'imigabane.

Uburenganzira butangwa n'izo mpapuro bushobora kuba ubw'icyo gihe cyangwa ubwo mu gihe kizaza.

**III. Government-owned capital market instruments**

Government may offer some of the following capital market instruments: loan stocks and other instruments creating or acknowledging indebtedness issued by or on behalf of a government, local government or public institutions.

In this Paragraph:

**(a) "Government"** means the Government of Rwanda or of any foreign country;

**(b) "local government**" means decentralised entities with legal status in Rwanda;

**(c) "public institution"** means a public institution, parastatals and state corporations incorporated under Rwandan or foreign laws.

**IV. Instruments entitling to shares or capital market instruments**

Instruments entitling to shares or capital market instruments are warrants or other instruments entitling the holder to subscribe for any capital market instrument.

Rights conferred by such instruments may be of current or future time.

**III. Instruments du marché des capitaux appartenant à l'État**

L'État peut offrir sur le marché des capitaux les instruments suivants: titres obligataires garantis et autres instruments créant ou reconnaissant des dettes émis par ou au nom de l'État, de l'administration locale ou des institutions publiques.

Dans le présent alinéa:

**(a) « État »** désigne l'État rwandais ou un autre État;

**(b) « administration locale »** désigne les entités décentralisées dotées de la personnalité juridique au Rwanda;

**(c) « établissement public »** désigne une institution publique, parastatale et des sociétés commerciales étatiques constituées selon la législation rwandaise ou étrangère.

**IV. Instruments donnant droit à des actions ou instruments du marché des capitaux**

Les instruments donnant droit à des actions ou instruments du marché des capitaux sont des bons de souscription ou d'autres instruments permettant à leur titulaire de souscrire pour un instrument du marché des capitaux.

Les droits conférés par ces instruments peuvent être existants ou futurs.

**V. Ibyemezo by'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane**

Ibyemezo by'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane ni ibyemezo by'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa izindi mpapuro bitanga uburenganzira ku masezerano cyangwa ku mutungo, mu bijyanye n'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bifitwe n'umuntu utari uwanditse kuri icyo cyemezo cyangwa impapuro, kandi ihererekanya ryabyo ridasaba uruhushya rw'uwo byanditsweho.

**VI. Guhitamo**

Guhitamo ni uburenganzira umuntu afite bwo kugura cyangwa kugurisha umutungo mu gihe cyateganyijwe.

**VII. Uburenganzira mu gihe kizaza**

Ni uburenganzira bushingiye ku masezerano bwo kugurisha ibintu cyangwa umutungo uko waba uteye kwose ariko ishyikirizwa ryawo ku wawuguze rikazakorwa ku itariki izwi mu gihe kizaza.

**VIII. Amasezerano yo guhana ikinyuranyo ku biciro**

Uburenganzira bushingiye ku masezerano y'ikinyuranyo mu kwishyurana cyangwa andi masezerano agamije kuzabona inyungu cyangwa kwirinda igihombo hashingiwe ku ihinduka ry'ibiciro by'imitungo cyangwa ibipimo fatizo

**V. Certificates representing capital market instruments**

Certificates representing capital market instruments are certificates representing capital market instruments or other instruments which confer contractual or property rights, in respect of any capital market instrument held by someone other than the person to whom the rights are conferred by the certificate or instrument and the transfer of which may be effected without requiring the consent of that person.

**VI. Options**

Options consist in right to acquire or dispose of a commodity or property within specified time.

**VII. Future rights**

Rights under a contract for the sale of a commodity or property of any description under which delivery is to be made at a future date.

**VIII. Contracts for difference**

Rights under a contract for differences or under any other contract for the purpose to securing a profit or avoiding a loss resulting from fluctuations in the price of property or capital market index during a specific period of time or resulting from

**V. Certificats représentant les instruments du marché des capitaux**

Les certificats représentant les instruments du marché des capitaux sont des certificats représentant les instruments du marché des capitaux ou autres instruments qui confèrent des droits de propriété ou contractuels eu égard à tout instrument du marché des capitaux détenu par une personne différente du vrai propriétaire du certificat ou de l'instrument et dont le transfert peut être effectué sans le consentement de cette personne.

**VI. Options**

Options consistent en droit d'acquérir ou d'aliéner des marchandises ou des biens au moment spécifié.

**VII. Droits futurs**

Droits en vertu d'un contrat de vente des marchandises ou des biens de toute nature en vertu desquels la livraison doit être effectuée à une date ultérieure.

**VIII. Contrat de différence**

Droits émanant d'un contrat de différence ou de tout autre contrat dont l'objectif est de garantir un bénéfice ou éviter une perte suite aux fluctuations des prix des biens ou de l'indice du marché des capitaux ou suite aux autres facteurs prévus dans le contrat.

bigaragaza imiterere y'isoko ry'imari n'imigabane mu gihe runaka cyangwa ku zindi mpamvu zateganywa mu masezerano.

other factors provided for in the contract.

**IX. Amasezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire**

Uburenganzira ku masezerano y'ubwishingizi bw'igihe kirekire ntibukurikizwa iyo:

1 º hateganyijwe ko ubwishyu buzakorwa nyuma y'urupfu rw'uwayafashe, igabanuka ry'ubushobozi biturutse ku mpanuka, uburwayi cyangwa ubumuga bwa burundu;

2 º amasezerano adateganya ingano y'amafaranga azishyurwa amasezerano asheshwe cyangwa ateganya ko hazishyurwa gusa amafaranga yishyuwe igihe cyo gufata ubwishingizi kandi ko agaciro katagomba kuruta ayishyuwe hafatwa ubwishingizi;

3 º amasezerano adateganya uburyo yahinduka cyangwa yakongerwa kugira ngo ibyavuzwe mu gace ka 1º n'aka 2º bitubahirizwa.

**IX. Long term insurance contracts**

Rights under a long term insurance contract shall not apply if:

1 º the benefits under the contract are payable only upon death or in respect of incapacity due to accident, sickness or infirmity of the insured party;

2 º the contract has no surrender value or the consideration consists of a single premium and the surrender value does not exceed that premium;

3 º the contract does not make provision for its conversion or extension that would result into noncompliance with items 1º and 2º.

**IX. Contrats d'assurance à long terme**

Les droits émanant du contrat d'assurance à long terme n'ont pas d'effet lorsque:

1 º les avantages conférés par le contrat sont payables uniquement en cas de décès ou en cas d'incapacité en raison d'un accident, d'une maladie ou d'une infirmité de la personne assurée;

2 º le contrat n'a aucune valeur de rachat ou consiste en une prime unique et la valeur de rachat ne dépasse pas celle de la prime;

3 º le contrat ne prévoit pas la conversion ou la prolongation en vue de non-conformité aux dispositions des points 1º et 2º.

**X. Uburenganzira n'inyungu ku bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane**

Uburenganzira n'inyungu ku bicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ni uburenganzira cyangwa inyungu ku bintu ibyo ari byo byose

**X. Rights and interests in capital market instruments**

Rights and interests in capital market instruments are any rights or interest in anything which is a capital market instrument falling within any

**X. Droits et intérêts des instruments du marché des capitaux**

Les droits et intérêts des instruments du marché des capitaux sont tous les droits ou intérêts émanant d'un quelconque instrument du marché des

bicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane bigaragara muri uyu mugereka.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko nº45/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rihindura Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu**

**Kigali, ku wa 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

paragraph of this Annex.

**Seen to be annexed to Law nº45/2018 of 13/08/2018 modifying Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date**

**Kigali, on 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

capitaux visé à la présente annexe.

**Vu pour être annexé à la Loi nº 45/2018 du 13/08/2018 modifiant la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour**

**Kigali, le 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**UMUGEREKA WA II W'ITEGEKO N°45/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIHINDURA ITEGEKO N° 01/2011 RYO KU WA 10/02/2011 RIGENGA ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE MU RWANDA NK'UKO RYAHINDUWE KUGEZA UBU**

**IBIKORWA BIGIZE ISOKO RY`IMARI N`IMIGABANE**

**1. Ibikorerwa ku isoko ry'imari n'imigabane**

Kugura, kugurisha, kugaragaza ubushake bwo kugura, kwishingira ugurisha ibicuruzwa byo ku isoko, kwiyemeza kubikora haba ku giti cye cyangwa mu izina ry'undi muntu.

**II. Gutunganya ibikorerwa ku isoko ry'imari n'imigabane**

Gukora, gusaba gukorera, kwemera gukorera undi muntu mu kugura, kugurisha, kwishingira ugurisha igicuruzwa runaka ku isoko cyangwa guhamagarira undi muntu kugira uruhare muri ibyo bikorwa.

**III. Kubika neza no gucunga imitungo**

Kubika neza no gucunga imitungo y'abandi yerekeye ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa kwiyemeza kubikora no gufasha mu kuyibika.

**ANNEX II TO LAW N° 45/2018 OF 13/08/2018 MODIFYING LAW N° 01/2011 OF 10/02/2011 REGULATING CAPITAL MARKET IN RWANDA AS MODIFIED TO DATE**

**ACTIVITIES CONSTITUTING CAPITAL MARKET BUSINESS**

**I. Dealing in capital market instruments**

Buying, selling, subscribing for, underwriting capital market instruments or agreeing to do so, either as principal or as an agent.

**II. Arranging deals in capital market instruments**

Making, offering, agreeing to make arrangements on behalf of another person through buying, selling, or underwriting a particular capital market instrument or requesting another person to take part in such activities.

**III. Safekeeping and administration of assets**

Safekeeping and administering third parties' assets relating to capital market instruments or agreeing to do so and arranging for the safekeeping of such assets.

**ANNEXE II A LA LOI Nº 45/2018 DU 13/08/2018 MODIFIANT LA LOI N° 01/2011 DU 10/02/2011 PORTANT RÉGULATION DU MARCHE DES CAPITAUX AU RWANDA TELLE QUE MODIFIEE À CE JOUR**

**ACTIVITES CONSTITUANT LE MARCHE DES CAPITAUX**

**I. Négociation relative aux instruments du marché des capitaux**

Acheter, vendre, souscrire pour l'achat d'instruments du marché des capitaux, donner la garantie, ou convenir de le faire, à titre personnel ou au nom et pour le compte d'autrui.

**II. Organiser les opérations relatives aux instruments du marché des capitaux**

Faire, offrir, accepter les services d'organiser pour autrui l'achat, la vente ou la garantie d'un instrument du marché des capitaux ou faire appel à une autre personne pour qu'elle participe dans ces activités.

**III. Bonne tenue et administration des avoirs**

Sauvegarder et administrer les avoirs d'autrui qui consistent en des instruments du marché des capitaux ou offrir ou accepter de le faire et prendre des dispositions pour la bonne tenue de ces avoirs.

**IV. Gucunga ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane**

Gucunga cyangwa kwiyemeza cyangwa kwemera gucunga ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane by'undi muntu cyangwa gufasha mu micungire yabyo byemewe n'ugiye kubicunga.

**V. Gutanga inama mu byerekeye isoko ry'imari n'imigabane**

Gutanga inama ku bantu bashaka kugura, kugurisha, kugaragaza ubushake bwo kugura, kwishingira abandi mu kugurisha ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa gukoresha uburenganzira ku byerekeye ibicuruzwa byo ku isoko mu kugura, kugurisha, kugaragaza ubushake bwo kugura, kwishingira cyangwa guhinduza ibicuruzwa byo ku isoko.

**VI. Gutanga amabwiriza ku ishoramari ku isoko binyuze mu ikoranabuhanga**

Kohereza, kwemera kohereza, gutegeka kohereza mu izina ry'undi muntu cyangwa gufasha kwohereza amabwiriza yerekeye ibicuruzwa byo ku isoko hakoreshejwe ikoranabuhanga ku buryo hakorwa ihererekanya ry'ibicuruzwa hadakoreshejwe inyandiko ziri mu mpapuro.

**IV. Managing capital market instruments**

Managing, offering or agreeing to manage capital market instruments belonging to another person or arranging for their management at the discretion of the person managing them.

**V. Giving capital market advice**

Giving advice to persons wishing to buy, sell, subscribe for, underwrite capital market instruments or exercising any right conferred by capital market instruments to acquire, sell, subscribe for, underwrite or convert capital market instruments.

**VI. Using electronic means for giving investment instructions**

Sending, agreeing or ordering to send on behalf of another person or helping to send instructions relating to capital market instruments by electronic means resulting in the transfer of such instruments without resorting to the use of hard-copy documents.

**IV. Gestion des instruments du marché des capitaux**

Gérer, offrir ou accepter de gérer les instruments du marché des capitaux appartenant à une autre personne ou organiser cette gestion sur consentement du gérant.

**V. Donner des conseils en rapport avec le marché des capitaux**

Donner des conseils aux personnes désireuses d'acheter, de vendre les instruments du marché des capitaux, d'y souscrire, de donner la garantie pour les autres ou exercer les droits conférés par ces instruments pour acquérir, vendre, souscrire ou convertir des instruments du marché des capitaux.

**VI. Utilisation des moyens électroniques pour donner des ordres de placement**

Envoi, accord ou ordre d'envoi au nom d'une autre personne ou aide d'envoi des instructions relatives aux instruments du marché des capitaux par voie électronique qui permet le transfert de ces instruments sans toutefois recourir à l'usage de copies sur papier.

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Itegeko nº 45/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rihindura itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu**

**Kigali, ku wa 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to Law nº45/2018.of 13/08/2018 modifying Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda as modified to date**

**Kigali, on 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à la Loi nº 45/2018 du 13/08/2018 modifiant la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda telle que modifiée à ce jour**

**Kigali, le 13/08/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°54/2018 RYO KUWA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA RUSWA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II : GUKUMIRA RUSWA**

**Ingingo ya 3 : Inshingano z'inzego mu gukumira ruswa**

**UMUTWE WA III : IBYAHA N'IBIHANO BYA RUSWA**

**Ingingo ya 4 : Gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke**

**Ingingo ya 5: Kwaka cyangwa kwakira indonke bikozwe n'ufata ibyemezo by'ubutabera cyangwa ubishyira mu bikorwa**

**Ingingo ya 6: Gusaba cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina**

**Ingingo ya 7: Gukoresha igitinyiro**

**LAW N° 54/2018 OF 13/08/2018 ON FIGHTING AGAINST CORRUPTION**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS**

**Article One : Purpose of this Law**

**Article 2 : Definitions**

**CHAPTER II : PREVENTION OF CORRUPTION**

**Article 3 : Obligations of organs in prevention of corruption**

**CHAPTER III : OFFENCES AND PENALTIES FOR CORRUPTION**

**Article 4 : Solicit, accept or offer illegal benefit**

**Article 5: Solicit or receive an illegal benefit by person who makes or executes justice decisions**

**Article 6: Solicit or offer sexual favors**

**Article 7: Influence peddling**

**LOI N° 54/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LA CORRUPTION**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2 : Définitions**

**CHAPITRE II : PREVENTION DE LA CORRUPTION**

**Article 3 : Obligations des institutions dans la prévention de la corruption**

**CHAPITRE III : INFRACTIONS ET PEINES POUR LA CORRUPTION**

**Article 4 : Exiger, accepter ou offrir un avantage illégal**

**Article 5: Exiger ou recevoir un avantage illégal par une personne intervenant dans la prise de décisions d'ordre judiciaire ou les mettant en œuvre**

**Article 6: Exiger ou poser des faveurs de nature sexuelle**

**Article 7: Trafic d'influence**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo** | **Article 8: Making a decision based on favoritism, friendship, hatred, acquaintances or nepotism** | **Article 8: Prise de décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine, les connaissances ou le népotisme** |
| **Ingingo ya 9: Kudasobanura inkomoko y'umutungo** | **Article 9: Illicit enrichment** | **Article 9: Enrichissement illicite** |
| **Ingingo ya 10: Kunyereza umutungo** | **Article 10: Embezzlement** | **Article 10: Détournement de fonds** |
| **Ingingo ya 11: Gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe** | **Article 11: Use of public property for unintended purposes** | **Article 11: Utilisation des biens publics à des fins non-prévues** |
| **Ingingo ya 12: Gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro** | **Article 12: Misuse of property of public interest** | **Article 12: Abus des biens d'intérêt général** |
| **Ingingo ya 13: Gusonera bitemewe n'amategeko** | **Article 13: Illegal exemption** | **Article 13: Exonération illégale** |
| **Ingingo ya 14: Kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe** | **Article 14: Demanding or receiving undue or excessive money** | **Article 14: Exiger ou recevoir l'indû ou l'excédant** |
| **Ingingo ya 15: Gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite** | **Article 15: Abuse of functions** | **Article 15: Abus des fonctions** |
| **Ingingo ya 16: Kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko** | **Article 16: Appropriation of unlawful favours** | **Article 16: S'approprier un avantage illégal** |
| **Ingingo ya 17: Impamvu nkomezacyaha ku cyaha cya ruswa cyakozwe n'umuntu uri mu rwego rw'ubuyobozi** | **Article 17: Aggravating circumstances for the offence of corruption committed by a person in leadership position** | **Article 17: Circonstances aggravantes de l'infraction de corruption commise par une personne occupant un poste de direction** |
| **Ingingo ya 18: Icyaha cya ruswa gikozwe n'amasosiyete y'ubucuruzi, amakoperative,** | **Article 18: Offence of corruption committed by companies, cooperatives, institutions and** | **Article 18: Infraction de corruption commise par des sociétés commerciales,** |

| | | |
|---|---|---|
| **ibigo, imiryango bifite ubuzima gatozi** | **organisations with legal personality** | **des coopératives, des établissements et des organisations dotés de la personnalité juridique** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER IV</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Ukutaryozwa icyaha cya ruswa** | **<u>Article 19</u>: Exemption from criminal liability for corruption** | **<u>Article 19</u>: Exonération de la responsabilité pénale pour la corruption** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Ubunyagwe bw'umutungo ukomoka ku cyaha cya ruswa** | **<u>Article 20</u>: Confiscation of proceeds of corruption** | **<u>Article 20</u>: Confiscation des produits issus de la corruption** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Ukudasaza kw'icyaha cya ruswa** | **<u>Article 21</u>: Non-prescription of the offence of corruption** | **<u>Article 21</u>: Imprescriptibilité de l'infraction de corruption** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Kubona inyandiko no kuzifatira** | **<u>Article 22</u>: Access to records and their seizure** | **<u>Article 22</u>: Accès aux documents et leur saisie** |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **<u>Article 23</u>: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **<u>Article 23</u>: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **<u>Article 24</u>: Repealing provision** | **<u>Article 24</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **<u>Article 25</u> Commencement** | **<u>Article 25</u>: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°54/2018 RYO KUWA 13/08/2018 RYEREKEYE KURWANYA RUSWA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 30 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya ruswa, yemerejwe i New York, ku wa 31 Ukwakira 2003, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 56/01 ryo ku wa 27/12/2005;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe

**LAW N° 54/2018 OF 13/08/2018 ON FIGHTING AGAINST CORRUPTION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 30 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to the United Nations Convention against corruption, adopted in New York, on 31 October 2003, as ratified by Presidential Order n° 56/01 of 27/12/2005;

Pursuant to the African Union Convention on preventing and combating corruption adopted

**LOI N°54/2018 DU 13/08/2018 RELATIVE À LA LUTTE CONTRE LA CORRUPTION**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 30 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003, révisée en 2015, spécialement en ses articles 29, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 et176;

Vu la Convention des Nations Unies contre la corruption, adoptée à New York, le 31 octobre 2003, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 56/01 du 27/12/2005;

Vu la Convention de l'Union Africaine sur la prévention et la lutte contre la corruption,

yerekeye gukumira no kurwanya ruswa, yemerejwe i Maputo, ku wa 11 Nyakanga 2003, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 12/01 ryo ku wa 24/06/2004;

Isubiye ku Itegeko n° 23/2003 ryo ku wa 07/08/2003 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigamije gukumira no guhana ruswa mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1 º **indonke:** ikintu cyose gisabwe, gitanzwe, cyakiriwe cyangwa gisezeranyijwe kugira ngo, mu buryo bunyuranyije n'amategeko, hakorwe cyangwa hatagira igikorwa;

2 º **ruswa:**igikorwa icyo ari cyo cyose

in Maputo, on 11 July 2003, as ratified by Presidential Order n° 12/01 of 24/06/2004;

Having reviewed Law n° 23/2003 of 07/08/2003 on prevention, suppression and punishment of corruption and related offences;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law aims at preventing and punishing corruption in public organs, civil society private institutions and international organizations operating or wishing to operate in Rwanda.

**Article 2: Definitions**

In this Law, the following terms are defined as follows:

1° **illicit benefit:** any benefit solicited, offered, accepted or promised illegally in order to render or omit a service;

2° **corruption:** any act performed or

adoptée à Maputo, le 11 juillet 2003, telle que ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 12/01 du 24 juin 2004;

Revu la Loi n° 23/2003 du 07/08/2003 relative à la prévention et à la répression de la corruption et des infractions connexes;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi a pour objet la prévention et la répression dans les organes publics, la société civile, institutions privées et les organisations internationales œuvrant ou désirant œuvrer au Rwanda.

**Article 2: Définitions**

Dans la présente loi, les termes repris ci-après sont définis comme suit:

1 º **un avantage illégal:** tout avantage offert, sollicité, accepté ou promis illégalement en vue de l'accomplissement d'un acte ou de l'omission de celui-ci;

2 º **Corruption :** tout acte accompli dans

gikorewe mu nzego za Leta, iz'abikorera, sosiyete sivili, n'imiryango mpuzamahanga ikorera cyangwa ishaka gukorera mu Rwanda, kigamije gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke mu buryo bunyuranyije n'amategeko hagamijwe kwigwizaho umutungo udashobora gusobanura inkomoko yawo cyagwa gukora ishimishamubiri kugira ngo hakorwe umurimo cyangwa igikorwa mu buryo bunyuranije n'amategeko byaba bikozwe na nyir'ubwite cyangwa binyujijwe ku wundi muntu**.** Ruswa igaragarira muri kimwe mu bikorwa bikurikira:

a) gusaba, kwakira cyangwa gutanga indonke;

b) gusaba, gusezeranya cyangwa gukora ishimishamubiri rishingiye ku gitsina;

c) gufata icyemezo gishingiye ku itonesha, ubucuti, urwango, ikimenyane cyangwa icyenewabo;

d) gukoresha igitinyiro;

e) kudasobanura inkomoko y'umutungo;

f) kunyereza umutungo;

g) gukoresha umutungo wa Leta icyo utagenewe;

caused to be performed in public organs, private institutions, civil society and international organizations operating or wishing to operate in Rwanda, which is aimed at soliciting, receiving or offering an illicit benefit in order to unlawfully obtain illicit enrichment or a given favor of sexual nature to unlawfully render a service or carry out an activity whether carried on by himself or herself or through another person. Corruption is reflected in the following acts:

a) to solicit, accept or offer illegal benefit;

b) to solicit, promise or offer sexual favors;

c) to make a decision based on favoritism, friendship, hatred, acquaintances or nepotism;

d) influence peddling;

e) to illicit enrichment;

f) embezzlement;

g) to use public property for unintended purposes;

les organes publics, institutions privées, la société civile et les organisations internationales œuvrant ou désirant œuvrer au Rwanda, dont l'objectif est d'exiger, recevoir ou offrir un avantage illégal en vue d'obtenir illégalement un enrichissement illicite ou des faveurs de nature sexuelle en vue de l'accomplissement illicite, d'un service ou d'un acte exercé soit pour son propre compte soit pour le compte d'autrui. La corruption se manifeste par les actes suivants :

a) exiger, accepter ou offrir un avantage illégal;

b) exiger, promettre ou poser des faveurs de nature sexuelle;

c) prendre une décision fondée sur le favoritisme, l'amitié, la haine, les connaissances ou le népotisme;

d) trafic d'influence;

e) enrichissement illicite;

f) détournement de fonds;

g) utiliser des biens publics à des fins non-prévues;

h) gukoresha nabi umutungo ufitiye rubanda akamaro;

i) gusonera bitemewe n'amategeko;

j) kwaka cyangwa kwakira amafaranga bidakwiye cyangwa arenze ateganyijwe;

k) gukoresha ububasha uhabwa n'itegeko mu nyungu bwite;

l) kwiha inyungu zinyuranyije n'amategeko.

3° **umukozi wa Leta:** umuntu wese, wahawe ububasha cyangwa inshingano, ku rwego urwo ari rwo rwose rwa Leta, ku bw'amatora cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa uhagarariye urwego rwa Leta urwo ari rwo rwose;

4° **urwego rwa Leta:** urwego rw'umurimo rwose rwo mu butegetsi bwa Leta cyangwa ikigo cya Leta bikoresha umutungo wa Leta cyangwa ikigo Leta ifitemo imigabane.

**<u>UMUTWE WA II:</u> GUKUMIRA RUSWA**

**<u>Ingingo ya 3:</u> Inshingano z'inzego mu gukumira ruswa**

Buri rwego rwa Leta, urw'abikorera, urwa sosiyete sivili cyangwa umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda rugomba:

h) to misuse property of public interest;

i) illegal exemption;

j) to demande or receive undue or excessive money;

k) abuse of functions;

l) appropriation of unlawful favors.

3° **public servant:** any person entrusted with authority or responsibilities, at any public level or with public mandate through regular election or any other process or representing any public institution;

4° **public organ:** any public administration organ or public institution utilizing the property of the State or a parastatal.

**<u>CHAPTER II:</u> PREVENTION OF CORRUPTION**

**<u>Article 3:</u> Obligations of organs in prevention of corruption**

Any public organ, private institution, civil society member or international organization operating in Rwanda must:

h) abus des biens d'intérêt général;

i) exonération illégale;

**UMUTWE WA II: KWINJIRA, GUSOHOKA, KUBA NO GUTURA MU RWANDA**

**Ingingo ya 4: Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda**

**Ingingo ya 5: Ibikurikizwa mu kuba no gutura mu Rwanda**

**Ingingo ya 6: Ibisabwa byerekeye ubuzima**

**Ingingo ya 7: Kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga**

**Ingingo ya 8: Ibyiciro bya viza n'impushya zo kuba mu Rwanda**

**Ingingo ya 9: Kwimwa viza cyangwa Uruhushya rwo Kuba mu Rwanda**

**LAW N°57/2018 OF 13/08/2018 ON IMMIGRATION AND EMIGRATION IN RWANDA**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One : Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Recognised travel document**

**CHAPTER II: ENTRY INTO, EXIT FROM, STAY AND RESIDENCE IN RWANDA**

**Article 4: Conditions of entry into and exit from Rwanda**

**Article 5: Conditions of stay and residence in Rwanda**

**Article 6: Health requirements**

**Article 7: Financial requirements**

**Article 8: Categories of visas and residence permits**

**Article 9: Denial of a visa or residence permit**

**LOI N°57/2018 DU 13/08/2018 SUR L'IMMIGRATION ET ÉMIGRATION AU RWANDA**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2 : Définitions**

**Article 3: Document de voyage reconnu**

**CHAPITRE II: ENTRÉE, SORTIE, SÉJOUR ET RÉSIDENCE AU RWANDA**

**Article 4: Conditions d'entrée et de sortie du Rwanda**

**Article 5: Conditions de séjour et de résidence au Rwanda**

**Article 6: Conditions de santé**

**Article 7: Conditions relatives aux finances**

**Article 8: Catégories de visas et permis de séjour**

**Article 9: Déni de visa ou de permis de résidence**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda** | **Article 10: Cancellation of a visa and residence permit** | **Article 10: Annulation de visa ou de permis de séjour** |
| **Ingingo ya 11: Utemerewe kwinjira mu gihugu** | **Article 11: Inadmissible person** | **Article 11: Personne inadmissible** |
| **Ingingo ya 12: Umunyamahanga utemewe mu Rwanda** | **Article 12: Prohibited foreigner in Rwanda** | **Article 12: Étranger interdit au Rwanda** |
| **Ingingo ya 13: Umunyamahanga uri mu Rwanda binyuranyije n'amategeko** | **Article 13: Irregular foreigner in Rwanda** | **Article 13: Étranger en situation irrégulière au Rwanda** |
| **Ingingo ya 14: Gusonerwa** | **Article 14: Exemptions** | **Article 14 : Exonérations** |
| **Ingingo ya 15: Kwirukanwa k'umunyamahanga** | **Article 15: Expulsion of a foreigner** | **Article 15 : Expulsion d'un étranger** |
| **UMUTWE WA III: URWANDIKO RW'INZIRA RW'U RWANDA** | **CHAPTER III: RWANDAN TRAVEL DOCUMENT** | **CHAPITRE III: DOCUMENT DE VOYAGE RWANDAIS** |
| **Ingingo ya 16: Itangwa n'igengwa by'inyandiko z'inzira** | **Article 16: Issuance and management of travel documents** | **Article 16: Délivrance et contrôle des documents de voyage** |
| **Ingingo ya 17: Ibyiciro by'inyandiko z'inzira z'u Rwanda** | **Article 17: Categories of Rwandan travel documents** | **Article 17: Catégories de documents de voyage rwandais** |
| **Ingingo ya 18: Pasiporo** | **Article 18: Passports** | **Article 18 : Passeports** |
| **Ingingo ya 19: Laissez-Passer** | **Article 19: Laissez-passer** | **Article 19: Laissez-passer** |
| **Ingingo ya 20: Laissez-Passer rusange** | **Article 20: Collective laissez-passer** | **Article 20: Laissez-passer collectif** |
| **Ingingo ya 21: ASC/ CEPGL** | **Article 21: ASC/CEPGL** | **Article 21: ASC/CEPGL** |
| **Ingingo ya 22: Urwandiko rw'inzira rw'ingoboka** | **Article 22: Emergency travel document** | **Article 22: Document de voyage d'urgence** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 23: Urwandiko rw'inzira rw'impunzi** | **Article 23: Refugee travel document** | **Article 23: Titre de voyage pour réfugiés** |
| **Ingingo ya 24: Urwandiko rw'Inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda** | **Article 24: Resident travel document** | **Article 24: Titre de voyage pour résident** |
| **Ingingo ya 25: Urwandiko rw'inzira rw'uturiye imbibi** | **Article 25: Border pass** | **Article 25: Laisser-passer frontalier** |
| **Ingingo ya 26: Imiterere y'urwandiko rw'inzira** | **Article 26: Characteristics of a travel document** | **Article 26: Caractéristiques d'un document de voyage** |
| **Ingingo ya 27: Ikiguzi n'ibisabwa ku nyandiko z'inzira** | **Article 27: Fees and requirements for travel documents** | **Article 27: Frais et conditions pour les documents de voyage** |
| **Ingingo ya 28: Uburenganzira ku rwandiko rw'inzira** | **Article 28: Entitlement to a travel document** | **Article 28: Droit à un document de voyage** |
| **Ingingo ya 29: Kujuririra icyemezo cyo kwimwa urwandiko rw'inzira** | **Article 29: Appeal against the refusal to issue a travel document** | **Article 29 : Recours contre le refus du document de voyage** |
| **Ingingo ya 30: Gutakaza urwandiko rw'inzira** | **Article 30: Loss of a travel document** | **Article 30: Perte d'un document de voyage** |
| **UMUTWE WA IV: UBUBASHA N'INSHINGANO** | **CHAPTER IV: POWERS AND OBLIGATIONS** | **CHAPITRE IV: POUVOIRS ET OBLIGATIONS** |
| **Ingingo ya 31: Ububasha bwa Ofisiye wa Imigarasiyo** | **Article 31: Powers of an immigration officer** | **Article 31: Pouvoirs d'un officier d'immigration** |
| **Ingingo ya 32: Inshingano z'umunyamahanga** | **Article 32: Obligations of a foreigner** | **Article 32: Obligations d'un étranger** |
| **Ingingo ya 33: Inshingano z'ukoresha umunyamahanga** | **Article 33: Obligations of an employer of a foreigner** | **Article 33: Obligations d'un employeur d'un étranger** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 34: Inshingano z'ibigo by'amashuri, ibigo byigisha ubumenyingiro cyangwa by'ubushakashatsi n'ibindi bigo bitangirwamo ubumenyi** | **Article 34: Obligations of schools, vocational or research centres and other institutions of learning** | **Article 34: Obligations des établissements scolaires, centres de formation professionnelle ou de recherche et autres institutions d'apprentissage** |
| **Ingingo ya 35: Inshingano z'umuyobozi w'icumbi na nyir'inzu ikodeshwa** | **Article 35: Obligations of an operator of accommodation facility and owner of rented house** | **Article 35: Obligations d'un opérateur d'un établissement d'hébergement et d'un propriétaire d'une maison louée** |
| **Ingingo ya 36: Inshingano z'abatwara abantu** | **Article 36: Obligations of transport companies** | **Article 36 : Obligations des compagnies de transport** |
| **UMUTWE WA V: ISHYIRWAHO RY'IMIPAKA, GUHUZA IBIKORWA BYAYO NO KOROHEREZA ABATURIYE UMUPAKA** | **CHAPTER V: BORDER POST ESTABLISHMENT, COORDINATION AND THE FACILITATION OF BORDER COMMUNITY** | **CHAPITRE V: DÉTERMINATION DES POSTES-FRONTIÈRES, LEUR COORDINATION ET FACILITATION DE LA COMMUNAUTÉ FRONTALIÈRE** |
| **Ingingo ya 37: Ishyirwaho ry'imipaka** | **Article 37: Establishment of border posts** | **Article 37: Détermination des postes-frontières** |
| **Ingingo ya 38: Ihuzwa ry'ibikorwa bihuriweho ku mupaka** | **Article 38: Border post coordination** | **Article 38: Coordination des postes-frontières** |
| **Ingingo ya 39: Komite ikurikirana imikorere y'imipaka y'u Rwanda** | **Article 39: Rwanda border posts steering committee** | **Article 39: Comité de pilotage des postes-frontières du Rwanda** |
| **Ingingo ya 40: Igenzura ry'imipaka** | **Article 40: Border control** | **Article 40: Contrôle de frontières** |
| **Ingingo ya 41: Uruhererekane rw'imikoranire ku mupaka** | **Article 41: Border post operating procedures** | **Article 41: Procédures de fonctionnement du poste-frontière** |
| **Ingingo ya 42: Korohereza abaturiye umupaka** | **Article 42: Facilitation of border communities** | **Article 42: Facilitation des communautés frontalières** |
| **UMUTWE WA VI: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO** | **CHAPTER VI: MISCONDUCT, OFFENCES AND PENALTIES** | **CHAPITRE VI: FAUTES, INFRACTIONS ET PEINES** |

| | | |
|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Section One: Administrative misconduct and sanctions** | **Section première : Fautes et sanctions administratives** |
| **Ingingo ya 43: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi** | **Article 43: Administrative misconduct and sanctions** | **Article 43: Fautes et sanctions administratives** |
| **Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano** | **Section 2: Offences and penalties** | **Section 2: Infractions et peines** |
| **Ingingo ya 44: Ingingo rusange ku byaha byo kutubahiriza amategeko y'abinjira n'abasohoka** | **Article 44: General provisions on offences of non-compliance with immigration and emigration laws** | **Article 44: Dispositions générales sur la violation des lois sur l'immigration et l'émigration** |
| **Ingingo ya 45: Gutangaza ibinyoma hagamijwe kwihesha ku bw'uburiganya inyandiko zivugwa muri iri tegeko** | **Article 45: Providing false information to fraudulently obtain documents provided for by this Law** | **Article 45: Fausses déclarations pour obtention frauduleuse des documents prévus par la présente loi** |
| **Ingingo ya 46: Gukoresha umunyamahanga binyuranye n'itegeko** | **Article 46: Illegal employment of a foreigner** | **Article 46: Employer illégalement un étranger** |
| **Ingingo ya 47: Guhimba cyangwa gukoresha inyandiko yahinduwe** | **Article 47: Forging a document or use of a falsified document** | **Article 47: Contrefaçon d'un document ou usage d'un document falsifié** |
| **Ingingo ya 48: Kwinjira mu Rwanda binyuranye n'amategeko nyuma yo kwirukanwa** | **Article 48: Illegal entry into Rwanda after being expelled** | **Article 48: Entrée illégale au Rwanda après avoir été expulsé** |
| **Ingingo ya 49: Guhindura cyangwa gukoresha urwandiko ruhinduye** | **Article 49: Falsification of a document or use of a falsified document** | **Article 49: Falsification d'un document ou utilisation d'un document falsifié** |
| **Ingingo ya 50: Kwanga gusubiza urwandiko rw'inzira** | **Article 50: Refusal to return a travel document** | **Article 50: Refus de remettre un document de voyage** |
| **Ingingo ya 51: Kwangiza urwandiko rw'inzira, viza cyangwa uruhushya rwo gutura mu Rwanda** | **Article 51: Damaging a travel document, a visa or a residence permit** | **Article 51: Endommager un document de voyage, un visa ou un permis de résidence** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 52: Kugwatiriza, kugurisha, kugura cyangwa gufatira urwandiko rw'inzira** | **Article 52: Pledging, selling, buying or withholding a travel document** | **Article 52: Hypothéquer, vendre, acheter ou retenir un document de voyage** |
| **Ingingo ya 53: Gufatira icyangombwa cy'undi muntu** | **Article 53: Withholding another person's document** | **Article 53: Retenir un document d'autrui** |
| **Ingingo ya 54: Gukoresha urwandiko rw'inzira rw'undi muntu** | **Article 54: Use of another person's travel document** | **Article 54: Utilisation d'un document de voyage d'autrui** |
| **Ingingo ya 55: Gutanga mu buriganya inyandiko zivugwa muri iri tegeko** | **Article 55: Fraudulent issuance of documents provided for under this Law** | **Article 55: Délivrance frauduleuse des documents prévus par la présente loi** |
| **Ingingo ya 56: Kwihesha k'ubw'uburiganya inyandiko zivugwa muri iri tegeko** | **Article 56: Fraudulent obtaining of documents provided for under this Law** | **Article 56: Obtention frauduleuse des documents prévus par la présente loi** |
| **Ingingo ya 57: Kutubahiriza icyemezo cyafashwe n'ubuyobozi** | **Article 57: Non-compliance with administrative action** | **Article 57: Refus d'obtempérer à une mesure administrative** |
| **UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 58: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 58: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 58: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 59: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 59: Repealing provision** | **Article 59 : Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 60: Igihe iri tegeko ritangirira gukurikizwa** | **Article 60: Commencement** | **Article 60: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 57/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RYEREKEYE ABINJIRA N'ABASOHOKA MU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul**,
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Gicurasi 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 26, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 168 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 30/2008 ryo kuwa 25/7/2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda;

Isubiye ku Itegeko n° 04/2011 ryo ku wa 21/03/2011 ryerekeye abinjira n'abasohoka mu Rwanda;

**YEMEJE**:

**LAW N° 57/2018 OF 13/08/2018 ON IMMIGRATION AND EMIGRATION IN RWANDA**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 28 May 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 revised in 2015, especially in Articles 26, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 and 176;

Pursuant to Organic Law n° 30/2008 of 25/7/2008 relating to Rwandan nationality;

Having reviewed Law n° 04/2011 of 21/03/2011 on Immigration and Emigration in Rwanda;

**ADOPTS:**

**LOI N° 57/2018 DU 13/08/2018 SUR L'IMMIGRATION ET ÉMIGRATION AU RWANDA**

**Nous, KAGAME Paul**,
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 mai 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 26, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 168 et 176;

Vu la Loi organique n° 30/2008 du 25/07/2008 portant code de la nationalité rwandaise ;

Revu la Loi n° 04/2011 du 21/03/2011 portant sur l'immigration et émigration au Rwanda;

**ADOPTE** :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigenga abinjira n'abasohoka mu Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko aya magambo afite ibisobanuro bikurikira:

1 º **ASC/CEPGL**: *Autorisation spéciale de circulation/Communauté économique des pays des Grands Lacs*: urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga uba mu Rwanda byemewe n'amategeko, rukamwemerera kujya mu bihugu bigize Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari hakurikijwe amasezerano byagiranye;

2 º **guhagarika by'agateganyo**: guhagarika umuntu mu gihe gito kugira ngo Ofisiye wa Imigarasiyo akore igenzura ku bijyanye no kwinjira cyangwa kuba mu Rwanda;

3 º **icumbi**: ihoteli, cyangwa ahandi hantu hatangirwa serivisi z'icumbi ry'igihe gito;

4 º **imbibi**: inkiko z'Igihugu cya Repubulika y'u Rwanda;

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One : Purpose of this Law**

This Law regulates immigration and emigration in Rwanda.

**Article 2: Definitions**

As used in this Law, the following terms have the meanings ascribed to them below:

1 º **ASC/CEPGL**: *Autorisation spéciale de circulation/Communauté économique des pays des Grands Lacs:* a travel document issued to a Rwandan or a foreigner legally residing in Rwanda, allowing him/her to travel to member States of the Economic Community of the Great Lakes Countries and in accordance with the existing agreements signed among such countries;

2 º **provisional interception**: stopping a person for a short period of time to enable an immigration officer to investigate that person's entry into or residence in Rwanda;

3 º **accommodation facility**: a hotel or any other place of provision of a temporary accommodation service;

4 º **border**: national boundaries of the Republic of Rwanda;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi porte règlementation de l'immigration et de l'émigration au Rwanda.

**Article 2 : Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes :

1 º **ASC/CEPGL**: Autorisation spéciale de circulation/Communauté économique des pays des Grands Lacs: document de voyage délivré à un Rwandais ou un étranger résidant légalement au Rwanda lui permettant de se rendre dans les pays membres de la Communauté des pays des Grands Lacs conformément aux accords entre ces pays;

2 º **interception provisoire**: le fait d'arrêter une personne pendant une courte période afin de permettre à l'officier d'immigration d'enquêter sur l'entrée ou le séjour de cette personne au Rwanda;

3 º **établissement d'hébergement**: hôtel ou tout autre lieu de prestation d'un service d'accueil temporaire;

4 º **frontière**: frontières nationales de la République du Rwanda;

5 º **impunzi**: umuntu wahunze Igihugu cye nk'uko bisobanurwa n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye impunzi yo ku wa 28 Nyakanga 1951;

6 º **indi nzira yinjira cyangwa isohoka mu gihugu**: ahandi hantu, uretse ahateganywa, hemerewe kunyurwa n'abaturiye imbibi mu buryo buhoraho;

7 º **kuvana umunyamahanga mu gihugu**: igikorwa kigamije kuvana umunyamahanga mu Rwanda ku ngufu;

8 º **kwirukana umunyamahanga**: igikorwa kigamije gutegeka umunyamahanga kuva mu gihugu atari ku bushake bwe**;**

9 º **Laissez-Passer**: urwandiko rw'inzira rusimbura pasiporo ruhabwa umunyarwanda ujya mu bihugu byo mu karere u Rwanda rurimo, hakurikijwe ubwumvikane ibyo bihugu byagiranye n'u Rwanda;

10 º **Minisitiri**: Minisitiri ufite abinjira n'abasohoka mu Rwanda mu nshingano ze;

11 º **Ofisiye wa Imigarasiyo**: umukozi w'Ubuyobozi Bukuru bw'Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda ufite ububasha bwo gushyira mu bikorwa ibiteganywa n'iri tegeko;

12 º **Pasiporo**: urwandiko rw'inzira rwemewe n'amategeko mpuzamahanga;

5 º **refugee**: a person having fled his/her country as defined by the Convention of 28 July 1951 relating to the Status of Refugees;

6 º **crossing point**: an area other than prescribed border posts, only open to border community for regular crossings;

7 º **deportation**: an action aimed at forcing a foreigner to leave Rwanda;

8 º **expulsion**: an act aimed at ordering a foreigner to leave the country against his/her will;

9 º **laissez-passer**: a travel document issued in lieu of passport to a Rwandan travelling to countries in the region in accordance with existing agreements among such countries and Rwanda;

10 º **Minister**: the Minister in charge of immigration and emigration in Rwanda;

11 º **immigration officer**: an officer of the Directorate General of Immigration and Emigration having authority to enforce the provisions of this Law;

12 º **passport**: a travel document recognized by international laws;

5 º **réfugié**: personne ayant fui son pays au sens de la Convention du 28 juillet 1951 relative au statut des réfugiés;

6 º **point de passage**: point autre que les poste-frontières prescrits, uniquement ouvert à la communauté frontalière pour les passages réguliers;

7 º **déportation**: le fait de contraindre un étranger à quitter le Rwanda;

8 º **expulsion**: acte visant à ordonner à un étranger de quitter le pays contre son gré;

9 º **laissez-passer**: document de voyage tenant lieu de passeport délivré à un Rwandais se rendant dans les pays de la région conformément aux accords entre ces pays et le Rwanda ;

10 º **Ministre**: Ministre ayant l'immigration et l'émigration dans ses attributions;

11 º **officier d'immigration**: agent de la Direction Générale de l'Immigration et de l'Émigration habilité à mettre en application les dispositions de la présente loi;

12 º **passeport**: document de voyage reconnu par les lois internationales ;

13º **Ubuyobozi Bukuru**: Ibiro Bikuru bishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Rwanda;

14º **ugize umuryango wa hafi**: umuntu wo mu muryango ubarirwa mu rwego rwa kabiri, nkuko biteganywa n'itegeko rigenga abantu n'umuryango;

15º **umukoresha**: umuntu ku giti cye, ugengwa n'amasezerano y'akazi nk'umukoresha, umuyobozi mukuru w'ikigo cyangwa sosiyete bifite ubuzima gatozi cyangwa ubihagarariye imbere y'amategeko cyangwa uweguriwe ububasha ku birebana n'abakozi;

16º **umunyamahanga uba mu Rwanda**: Umunyamahanga ufite uruhushya rwo kuba mu Rwanda rw'igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe;

17º **umunyamahanga utemewe mu gihugu**: umunyamahanga utemerewe kuba mu Rwanda hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;

18º **umunyamahanga**: umuntu wese udafite ubwenegihugu nyarwanda;

19º **umupaka**: ahantu hagenwe n'amategeko, umuntu anyura yinjira cyangwa asohoka mu gihugu;

20º **umuryango**: umugabo n'umugore bashyingiranywe mu buryo bwemewe

13º **Directorate General**: the Directorate General of Immigration and Emigration in Rwanda;

14º **close relative**: a family member who is in the second degree of kinship as provided for by the law governing persons and family;

15º **employer**: an individual bound by an employment contract as an employer, or head of an institution or company with legal personality or its legal representative or the person to whom powers in relation to employees have been delegated;

16º **resident**: a foreigner holding a temporary or permanent residence permit in Rwanda;

17º **prohibited immigrant**: a foreigner who is not authorized to live in Rwanda in accordance with the provisions of this Law;

18º **foreigner**: any person who does not hold Rwandan nationality;

19º **border post**: a place prescribed by law where a person passes when entering or exiting the country;

20º **family**: a man and a woman who are legally married, including their children

13º **Direction Générale**: Direction générale de l'immigration et l'émigration au Rwanda;

14º **parent proche**: membre de famille au second degré de parenté tel que prévu par la loi régissant les personnes et la famille ;

15º **employeur**: personne physique liée par un contrat de service en tant qu'employeur, un responsable d'une institution ou d'une société dotée de la personnalité juridique ou son représentant légal ou la personne qui a reçu la délégation de pouvoirs en matière de personnel;

16º **résident**: un étranger qui détient un permis de séjour au Rwanda à titre temporaire ou permanent ;

17º **immigrant interdit**: un étranger qui n'est pas autorisé à vivre au Rwanda conformément aux dispositions de la présente loi ;

18º **étranger**: toute personne qui n'est pas de nationalité rwandaise ;

19º **poste-frontière**: endroit désigné par la loi où une personne passe en entrant ou en sortant du pays;

20º **famille**: un homme et une femme légalement mariés y compris leurs

n'amategeko, abana babo batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) cyangwa bari hagati y'imyaka cumi n'umunani (18) na makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko mu gihe bakiga kandi batarashyingirwa;

21 º **Uruhushya rwo kuba mu Rwanda**: uruhushya ruha umunyamahanga uburenganzira bwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe cyangwa kidateganyijwe ku mpamvu zitari izo gusura;

22 º **Urwandiko rw'Inzira rw'Impunzi**: urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyamahanga wahawe ubuhungiro mu Rwanda;

23 º **Urwandiko rw'inzira rw'umunyamahanga uba mu Rwanda**: Urwandiko rw'inzira ruhabwa umunyamahanga utuye byemewe mu Rwanda utari impunzi kandi udashobora kubona urundi rwandiko rw'inzira;

24 º **viza**: uruhushya ruhabwa umunyamahanga, ruri mu buryo bwemejwe, rumwemerera kwinjira akaguma mu Rwanda, akahaba mu gihe no mu buryo biteganijwe.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Urwandiko rw'inzira rwemewe**

Urwandiko rw'inzira rwemewe ni urwatanzwe na za Guverinoma, imiryango izwi, cyangwa

who are under eighteen (18) years old or aged between eighteen (18) and twenty-five (25) years if they are still pursuing full-time education and are unmarried;

21 º **residence permit**: a permission allowing a foreigner to reside in Rwanda for a specified or unspecified period of time and for purposes other than visit;

22 º **refugee travel document**: a travel document that is issued to a foreigner who has been granted refugee status in Rwanda;

23 º **resident travel document**: a travel document issued to a foreigner legally residing in Rwanda who is not a refugee and who is unable to acquire any other travel document;

24 º **visa**: a permission granted to a foreigner in a prescribed format, authorizing him/her to enter and stay in Rwanda within prescribed period of time and conditions.

**<u>Article 3:</u> Recognised travel document**

A recognised travel document is the one issued by Governments, recognised

enfants âgés de moins de dix-huit (18) ans ou ceux entre dix-huit (18) et vingt-cinq (25) ans qui poursuivent encore en plein temps leurs études étant non mariés;

21 º **permis de séjour**: permission accordant à un étranger le droit de résider au Rwanda pour une durée déterminée ou indéterminée pour des raisons autres que celles de visite ;

22 º **titre de voyage pour réfugiés**: document de voyage accordé à un étranger ayant bénéficié du droit d'asile au Rwanda;

23 º **titre de voyage de résident**: document de voyage délivré à tout étranger résidant légalement au Rwanda qui n'est pas un réfugié et qui est incapable d'acquérir tout autre document de voyage ;

24 º **visa**: permission donnée à un étranger dans un format prescrit lui accordant l'autorisation d'entrer et de séjourner au Rwanda dans les délais et condition prescrites.

**<u>Article 3</u>: Document de voyage reconnu**

Un document de voyage reconnu est celui délivré par des gouvernements, des

rwatanzwe mu rwego rwo kubahiriza amasezerano mpuzamahanga yashyizweho umukono n'u Rwanda.

Urwandiko rw'inzira rwatanzwe n'umuryango uhuza ibihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga rwemerwa gukoreshwa mu Rwanda nyuma yo kunyuzwa mu nzira yo kwemezwa.

Iteka rya Minisitiri riteganya uburyo iyemezwa ry'urwandiko rw'inzira rwatanzwe n'umuryango uhuza ibihugu cyangwa umuryango mpuzamahanga rikorwa.

**UMUTWE WA II: KWINJIRA, GUSOHOKA, KUBA NO GUTURA MU RWANDA**

**Ingingo ya 4: Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda**

Ibikurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda ni ibi bikurikira:

1 º kunyura ku mupaka wemewe n'amategeko cyangwa indi nzira yinjira cyangwa isohoka mu gihugu;

2 º kugira urwandiko rw'inzira rufite agaciro, indangamuntu igihe ari ngombwa cyangwa urundi rwandiko rushobora kwemezwa hashingiwe ku masezerano hagati y'ibihugu bibiri cyangwa byinshi;

3 º kwiyandikisha mu buryo buteganywa

organisations or issued as an obligation emanating from an international convention ratified by Rwanda.

A travel document issued by an intergovernmental or international organization go through a recognition process before being accepted in Rwanda.

An Order of the Minister provides for modalities for recognition of a travel document issued by intergovernmental or international organizations.

**CHAPTER II: ENTRY INTO, EXIT FROM, STAY AND RESIDENCE IN RWANDA**

**Article 4: Conditions of entry into and exit from Rwanda**

Conditions of entry into and exit from Rwanda are as follows:

1 º pass through a legally established border post or any crossing point for entry into of exit from the country;

2 º possess a valid travel document, a national identity card where applicable or any other document that may be agreed upon in bilateral or multilateral agreement;

3 º to register as provided by law;

organisations reconnues ou délivré comme une obligation découlant d'une convention internationale ratifiée par le Rwanda.

Un document de voyage délivré par les organisations intergouvernementales ou internationales passe par un processus de reconnaissance avant d'être accepté au Rwanda.

Un arrêté du Ministre prévoit des modalités de reconnaissance d'un document de voyage délivré par les organisations intergouvernementales ou internationales.

**CHAPITRE II: ENTRÉE, SORTIE, SÉJOUR ET RÉSIDENCE AU RWANDA**

**Article 4: Conditions d'entrée et de sortie du Rwanda**

Les conditions d'entrée et de sortie au Rwanda sont les suivantes:

1 º passer par un poste-frontière officiel ou point de passage pour entrer ou sortir du pays;

2 º être détenteur d'un document de voyage valide, une carte d'identité nationale, le cas échéant, ou tout autre document pouvant faire l'objet d'un accord bilatéral ou multilatéral;

3 º se faire enregistrer conformément à la loi;

n'amategeko;

4 º kugira viza ifite agaciro, uruhushya cyangwa indangamuntu y'umunyamahanga uba mu Rwanda mu gihe bibaye ngombwa;

5 º umunyarwanda ugarutse mu gihugu agomba kuba afite urwandiko rw'inzira rufite agaciro cyangwa ikindi cyangombwa kigaragaza ko ari umunyarwanda;

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi bishobora gukurikizwa mu kwinjira no gusohoka mu Rwanda.

Bitabangamiye andi mategeko akoreshwa, umuntu wese winjira cyangwa usohoka mu gihugu afite ibintu yemererwa kwinjira cyangwa gusohoka mbere y'uko ibintu bye byemererwa kwinjira cyangwa gusohoka.

Bitabangamiye andi mategeko akoreshwa, umuntu wese winjira cyangwa usohoka mu Rwanda afite inyamaswa, udusimba, ibimera n'ibindi binyabuzima, agomba kubahiriza amabwiriza yerekeranye no kubyinjiza cyangwa kubisohora mu Rwanda atangwa n'inzego zibishinzwe.

Iteka rya Minisitiri riteganya ibijyanye no kwinjizwa no gusohorwa k'umuntu wapfuye.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Ibikurikizwa mu kuba no gutura mu Rwanda**

Ibikurikizwa mu kuba no gutura mu Rwanda ni

4 º possess a valid visa, relevant permit or resident identity cards, where applicable;

5 º any Rwandan returning to the country must be in possession of a valid travel document or any other acceptable proof that he/she is a Rwandan;

An Order of the Minister may determine other conditions that may be required for entry into and exit from Rwanda.

Without prejudice to other laws in force, any person entering or exiting Rwanda with items is permitted entry or exit before his/her items are permitted entry or exit.

Without prejudice to other laws in force, any person entering or exiting Rwanda with animals, insects, plants and other living organisms must comply with regulations of their entry into or exit from Rwanda, issued by the competent authority.

An Order of the Minister regulates entry and exit of a dead person.

**<u>Article 5</u>: Conditions of stay and residence in Rwanda**

The conditions of stay and residence in

4 º avoir un visa valable, un permis ou une carte d'identité de résident, le cas échéant;

5 º tout Rwandais rentrant au pays doit être muni d'un document de voyage valide ou de toute autre preuve attestant qu'il est Rwandais;

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres conditions d'entrée et de sortie au Rwanda.

Sans préjudice d'autres lois en vigueur, toute personne entrant ou sortant du Rwanda avec des objets est autorisée à entrer ou à sortir avant que ses articles ne soient autorisés à entrer ou à quitter.

Sans préjudice d'autres lois en vigueur, toute personne entrant ou sortant du Rwanda avec des animaux, des insectes, des plantes et d'autres organismes vivants doit se conformer à la réglementation de leur entrée ou de leur sortie délivrée par l'autorité compétente.

Un arrêté du Ministre régit l'entrée et la sortie d'une personne décédée.

**<u>Article 5</u>: Conditions de séjour et de résidence au Rwanda**

Les conditions de séjour et de résidence au

ibi bikurikira:

1 º kuzuza ibisabwa mu kwinjira mu Rwanda;

2 º kugira impamvu yemewe n'amategeko yo kuba mu Rwanda;

3 º kubahiriza amategeko n'amabwiriza akurikizwa mu gihugu.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi bishobora gukurikizwa mu kuba no gutura mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ibisabwa byerekeye ubuzima**

Ubuyobozi Bukuru bushobora gusaba umunyamahanga usaba kwinjira mu Rwanda kugaragaza ko afite ubwishingizi bw'indwara iyo bubona ko ashobora gukenera kwivuriza mu Rwanda.

Iyo bibaye ngombwa, Ubuyobozi bukuru bubuza kwinjira umuntu ugaragara ko yabera umutwaro ubuvuzi bw'u Rwanda.

Mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza atangwa na Ministeri ifite ubuzima mu nshingano zayo, Ubuyobozi Bukuru busaba umunyamahanga ushaka kwinjira cyangwa gusohoka mu Rwanda kugaragaza inzandiko zerekana ko yakingiwe nk'uko biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga, cyangwa amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubuzima cyangwa aya Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo.

Rwanda are as follows:

1 º fulfil entry requirements;

2 º have a lawful purpose of stay in Rwanda;

3 º comply with laws and regulations in force in the country.

An Order of the Minister may establish other conditions of stay and residence in Rwanda.

**<u>Article 6</u>: Health requirements**

The Directorate General may require a foreigner seeking entry into Rwanda to provide health insurance certificate if it considers that such a foreigner may require medical treatment in Rwanda.

If considered necessary, the Directorate General refuses entry to a person who appears to end up becoming a burden for the Rwandan health system.

For the purpose of implementing a directive from the Ministry in charge of health, the Directorate General requires a foreigner who seeks entry into or exit from Rwanda, to produce vaccination certificates as stipulated by international conventions or regulations issued by the World Health Organization or the Ministry in charge of health.

Rwanda sont les suivantes:

1 º remplir les exigences d'entrée;

2 º avoir une raison légitime de séjour au Rwanda;

3 º respecter les lois et règlements en vigueur dans le pays.

Un arrêté du Ministre peut établir d'autres conditions de séjour et de résidence au Rwanda.

**<u>Article 6</u>: Conditions de santé**

La Direction Générale peut exiger à un étranger désirant entrer au Rwanda d'exhiber un certificat d'assurance-maladie si elle considère que son état pourrait exiger des soins médicaux au Rwanda.

En cas de nécessité, la Direction Générale refuse le droit d'entrée à une personne qui semble être une charge pour le système médical rwandais.

Afin du respect de l'application d'instruction du Ministre ayant la santé dans ses attributions, la Direction Générale exige à un étranger désirant entrer ou sortir du Rwanda, de produire des certificats de vaccination tels que prévus par les conventions internationales et conformément aux règlements de l'Organisation Mondiale de la Santé ou du Ministère ayant la santé dans ses attributions.

Iyo umunyamahanga atagaragaje impapuro zivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ashobora kubuzwa kwinjira cyangwa gusohoka mu Rwanda cyangwa akagira ikindi akorerwa nk'uko bishobora guteganywa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Mu gihe cy'indwara y'icyorezo, Ubuyobozi Bukuru bushobora kubuza umugenzi uwo ari we wese kwinjira cyangwa gusohoka bisabwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena uko amabwiriza ajyanye n'ubuzima ashyirwa mu bikorwa ku mipaka.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga**

Umunyamahanga ushaka viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda ashobora gusabwa kugaragaza ubushobozi bwo kwitunga mu gihe ari mu Rwanda.

Ubuyobozi Bukuru busanze ari ngombwa, butegeka umunyamahanga ushaka kuba mu Rwanda igihe gito kugaragaza umwishingizi uzatanga amafaranga yo kumusubiza iwabo.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ibyiciro bya viza n'impushya zo kuba mu Rwanda**

Viza zo kuza mu Rwanda ziri mu byiciro bitatu (3):

If a foreigner does not produce documents provided for in Paragraph 3 of this Article, he/she may be denied entry into or exit from Rwanda or be subjected to any other action as may be determined by the Minister in charge of health.

In case of an epidemic outbreak, the Directorate General may, on the instructions of the Minister in charge of Health, deny entry or exit to any traveller.

An Order of the Minister may determine modalities for the implementation of health instructions at entry points.

**<u>Article 7</u>: Financial requirements**

A foreigner seeking a visa or a residence permit may be required to show proof of sufficient financial resources to support him/herself during his/her stay in Rwanda.

If considered necessary, the Directorate General, orders a foreigner who intends to temporarily reside in Rwanda to have a guarantor to cover the costs of his/her repatriation.

**<u>Article 8</u>: Categories of visas and residence permits**

Rwanda visas fall into three (3) categories:

Lorsqu'un étranger ne produit pas les certificats visés à l'alinéa 3 du présent article, il peut se voir refuser l'entrée ou la sortie du Rwanda ou faire l'objet d'une autre mesure quelconque pouvant être déterminée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions.

En cas d'épidémie, la Direction Générale peut, sur instruction du Ministre ayant la santé dans ses attributions, refuser le droit d'entrer ou de sortir à tout voyageur.

Un arrêté du Ministre peut déterminer les modalités d'application des directives de santé aux points d'entrée.

**<u>Article 7</u>: Conditions relatives aux finances**

Il peut être requis à un étranger désirant obtenir un visa ou un permis de séjour de justifier les ressources suffisantes pour se prendre en charge durant son séjour au Rwanda.

Si elle le juge nécessaire, la Direction Générale ordonne à un étranger désirant résider temporairement au Rwanda d'avoir une caution devant payer les frais de son rapatriement.

**<u>Article 8</u>: Catégories de visas et permis de séjour**

Les visas rwandais sont de trois (3) catégories:

1 º viza yo kwinjira;

2 º viza yo gutambuka;

3 º viza y'ubukerarugendo.

Impushya zo kuba mu Rwanda ziri mu byiciro bibiri (2):

1 º uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe;
2 º uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe kidateganyijwe.

Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi byiciro bya viza, nimpushya zo kuba mu Rwanda.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Kwimwa viza cyangwa Uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

Umunyamahanga ushaka viza cyangwa Uruhushya rwo kuba mu Rwanda ashobora kubyimwa iyo:

1 º ari umunyabyaha wabihamijwe n'inzego zibifitiye ububasha;

2 º akorana cyangwa yarigeze gukorana n'umuntu cyangwa itsinda ry'abantu bakekwaho kuba bagira cyangwa baragize uruhare mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi;

3 º atujuje ibisabwa kugira ngo arubone;

1 º entry visa;

2 º transit visa;

3 º tourist visa.

Rwanda residence permits fall within two (2) categories:

1 º temporary residence permit;

2 º permanent residence permit.

An Order of the Minister may determine other categories and classes of visas and residence permits.

**<u>Article 9</u>: Denial of a visa or residence permit**

A foreigner may be denied a visa or a residence permit if:

1 º he/she has been convicted of crimes by competent organs;

2 º he/she has or had an association with an individual, a group or an organization suspected of having been or being involved in criminal activities;

3 º he/she does not fulfil application requirements;

1 º le visa d'entrée;

2 º le visa de transit;

3 º le visa touristique.

Les permis de séjour sont de deux (2) catégories :

1 º le permis de séjour temporaire;

2 º le permis de séjour permanent.

Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres catégories et classes de Visa et Permis de Séjour.

**<u>Article 9</u>: Déni de visa ou de permis de résidence**

Un étranger peut se voir refuser un visa ou un permis de séjour si:

1 º il a été reconnu coupable de crimes par les organes compétents;

2 º il est ou a été en association avec un individu ou un groupe d'individus ou organisation soupçonnés d'avoir été ou d'être impliqués dans des activités criminelles;

3 º il ne satisfait pas aux exigences de la demande;

4 º yakoresheje nabi uruhushya rwo kuba mu Rwanda cyangwa viza yigeze guhabwa;

5 º azwiho kutubahiriza amategeko;

6 º ahakana, apfobya cyangwa yakoze jenoside;

7 º yatanze amakuru atari yo mu gihe cy'isaba;

8 º nta bushobozi bwo kwitunga afite;

9 º Ubuyobozi Bukuru bufite impamvu zigaragaza ko yabangamira umutekano w'Igihugu, ituze rusange imigenzereze myiza n'umudendezo rusange by'Igihugu**;**

10 º ibindi Ubuyobozi Bukuru bwasanga ari ngombwa.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Kwamburwa viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda**

Bitabangamiye andi mategeko bireba, viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda bishobora guteshwa agaciro kubera impamvu zikurikira:

1 º ubifite yabibonye mu buryo bw'uburiganya;

2 º bigaragara ko ubifite atagishoboye kwibeshaho mu Rwanda we n'umuryango we;

4 º he/she misused or abused previous residence permit or visa;

5 º he/she has a record of violation of laws;

6 º he/she negates, minimises or is a perpetrator of genocide;

7 º he/she provided false information during application;

8 º he/she has no sufficient funds to support himself/herself;

9 º the Directorate General has reason to believe that he/she can be a threat to national security, public safety, good morals;

10 º such other grounds as may be deemed necessary by the Directorate General.

**<u>Article 10</u>: Cancellation of a visa and residence permit**

Without prejudice to other relevant laws, a visa or a residence permit may be cancelled due to one of the following circumstances:

1 º fraudulent obtaining thereof by the holder;

2 º the holder is deemed incapable of supporting him/herself and his/her dependents while in Rwanda;

4 º il a utilisé à mauvais escient ou de manière abusive un permis de séjour ou un visa antérieur;

5 º il a une réputation de violation des lois;

6 º il nie, minimise ou a commis le crime de génocide;

7 º il a fourni de fausses informations pendant le processus de demande;

8 º il n'a pas de fonds suffisants pour se prendre en charge;

9 º la Direction Générale a des raisons de croire que la personne peut être une menace pour la sécurité nationale, l'ordre public, la sécurité publique et bonnes mœurs;

10 º d'autres motifs que la Direction Général peut juger nécessaire.

**<u>Article 10:</u> Annulation de visa ou de permis de séjour**

Sans préjudice d'autres lois en la matière, un visa ou un permis de séjour peuvent être annulé pour des raisons suivantes:

1 º son détenteur les a obtenus frauduleusement;

2 º son détenteur se montre incapable de se soutenir et de ses personnes à charge au Rwanda;

3 º ubifite akora ibikorwa bitandukanye n'ibyo yaherewe viza cyangwa Uruhushya rwo kuba mu Rwanda igihe giteganyijwe;

4 º umukoresha cyangwa umukozi atacyujuje ibyangombwa byatumye ahabwa urwo ruhushya;

5 º ubifite abangamiye umutekano w'igihugu, umudendezo rusange cyangwa yarahamwe n'icyaha cyatuma yamburwa viza cyangwa uruhushya rwe rwo kuba mu Rwanda;

6 º ufite urwo ruhushya yirukanywe mu gihugu;

7 º ibindi Ubuyobozi Bukuru bwasanga ari ngombwa.

Iyo umunyamahanga yambuwe uruhushya rwo kuba mu Rwanda n'abo atunze na bo bararwamburwa.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Utemerewe kwinjira mu gihugu**

Utemerwe kwinjira mu gihugu ni umunyamahanga wese utemerewe kwinjira mu Rwanda kubera nibura imwe mu mpamvu zikurikira:

1 º yimwe viza cyangwa uruhushya rwo kuba mu Rwanda;

2 º yanze kubahiriza ibikurikizwa ku binjira

3 º the holder engages in activities contrary to the purpose of his/her visa or temporary residence permit;

4 º the employer or employee no longer fulfils the conditions required to hold such a permit;

5 º the holder is a threat to national security, public order or has been convicted of any offence that requires cancellation of permit or visa;

6 º the holder is expelled from the country;

7 º such other grounds as may be deemed necessary by the Directorate General.

The cancellation of a residence permit for a foreigner leads to the cancellation of the same permit held by his/her dependants.

**<u>Article 11</u>: Inadmissible person**

An inadmissible person is a foreigner who cannot be allowed to enter in Rwanda due to at least any of the following grounds:

1 º he/she has been denied a visa or his/her residence permit was cancelled;

2 º he/ she fails to fulfil any entry procedure in

